## Ibirimo/Summary/Sommaire Page/Urup.

### A. *Amategeko/Laws/Lois*

**N°45/2010 ryo kuwa 14/12/2010**
Itegeko rishyiraho Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo..........................................................................................2
**N°45/2010 of 14/12/2010**
Law establishing Rwanda Social Security Board (RSSB) and determining its mission, organisation and functioning..........................................................................................2
**N°45/2010 du 14/12/2010**
Loi portant création de l'Office Rwandais de Sécurité Sociale (RSSB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement…………………………………………...2

**N°51/2010 ryo kuwa 10/01/2010**
Itegeko rishyiraho Ikigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali rikanagena imitunganyirize, imikorere n'ububasha byacyo ……………………………………………..17
**N°51/2010 of 10/01/2010**
Law establishing the Kigali International Arbitration Centre and determining its organisation, functioning and competence..........................................................................................17
**N° 51/2010 du 10/01/2010**
Loi portant création du Centre International d'Arbitrage de Kigali et déterminant son organisation, fonctionement et sa compétence……………………………………………17

**N°52/2010 ryo kuwa 20/01/2011**
Itegeko rigena amabwiriza mu by'indege za gisiviri ………………………………………………39
**N°52/2010 of 20/01/2011**
Law governing civil aviation ……………………………………………………………………39
**N°52/2010 du 20/01/2011**
Loi relative á la règlementation de l'aviation civile………………………………………………...39

### B. *Iteka rya Perezida/Presidential Order /Arrêté Présidentiel*

**N° 04/01 ryo kuwa 16/02/2011**
Iteka rya Perezida rishyiraho imishahara n'ibindi bigenerwa abacamanza b'umwuga, abagenzuzi n'abanditsi b'inkiko..........................................................................................76
**N°04/01 of 16/02/2011**
Presidential Order establishing the salaries and fringe benefits for career judges, inspectors and registrars…………………………………………………………………………....76
**N° 04/01 du 16/02/2011**
Arrete Presidentiel fixant les salaires et autres avantages alloués aux juges de carrière, aux inspecteurs et aux greffiers..........................................................................................76

**ITEGEKO N°45/2010 RYO KUWA 14/12/2010 RISHYIRAHO IKIGO CY'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA (RSSB) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Icyicaro cya RSSB**

**UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RSSB**

**Ingingo ya 4: Inshingano za RSSB**

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RSSB N'ICYICIRO IRIMO**

**Ingingo ya 5: Urwego rureberera RSSB n'icyiciro irimo**

**UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RSSB**

**LAW N°45/2010 OF14/12/2010 ESTABLISHING RWANDA SOCIAL SECURITY BOARD (RSSB) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this law**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 3: Head office of RSSB**

**CHAPTER II: RESPONSABILITIES OF RSSB**

**Article 4: Responsibilities of RSSB**

**CHAPTER III: AUTORITY SUPERVISING RSSB AND ITS CATEGORY**

**Article 5 : Authority supervising RSSB and its category**

**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RSSB**

**LOI N°45/2010 DU 14/12/2010 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE SECURITE SOCIALE (RSSB) ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

**Article 2: Définitions des termes**

**Article 3: Siège de RSSB**

**CHAPITRE II: MISSION DE RSSB**

**Article 4: Attributions de RSSB**

**CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE DE RSSB ET SA CATEGORIE**

**Article 5 : Organe de tutelle de RSSB et sa catégorie**

**CHAPITRE IV : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RSSB**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi za RSSB** | **Article 6: Management organs of RSSB** | **Article 6: Organes de direction de RSSB** |
| **Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi** | **Section One: Board of Directors** | **Section première: Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 7: Inama y' Ubuyobozi ya RSSB** | **Article 7: Board of Directors of RSSB** | **Article 7 : Conseil d'Administration de RSSB** |
| **Ingingo ya 8 : Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama** | **Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors** | **Article 8: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Ubuyobozi** | **Article 9: Incompatibilities with the membership of the Board of Directors** | **Article 9 : Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration** |
| **Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru** | **Section 2: General Directorate** | **Section 2: Direction Générale** |
| **Ingingo ya 10 : Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RSSB** | **Article 10: Composition of the General Directorate of RSSB** | **Article 10: Composition de la Direction Générale de RSSB** |
| **Ingingo ya 11: Stati igenga abakozi ba RSSB n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RSSB** | **Article 11: Statute governing staff of RSSB and benefits of members of the General Directorate and the staff of RSSB** | **Article 11: Statut du personnel de RSSB et appointements des membres de la Direction Générale et du personnel de RSSB** |
| **Ingingo ya 12: Imikorere, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo** | **Article 12: Functioning, organization and responsibilities of organs of RSSB** | **Article 12: Fonctionnement, organisation et attributions des organes de RSSB** |
| **UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI** | **CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE** | **CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES** |
| **Ingingo ya 13: Umutungo wa RSSB n'inkomoko yawo** | **Article 13: Property of RSSB and its source** | **Article 13: Patrimoine de RSSB et ses sources** |

**Ingingo ya 14: Kwegurirwa umutungo w'ibigo byahujwe**

**Ingingo ya 15: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo**

**Ingingo ya 16: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RSSB**

**Ingingo ya 17: Raporo y'umwaka w'ibaruramari**

**UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N' IZISOZA**

**Ingingo ya 18: Igihe cy'inzibacyuho**

**Ingingo ya 19: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

**Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'amategeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 21: Igihe iri tegeko ritangira Gukurikizwa**

**Article 14: Transfer of property of merged institutions**

**Article 15: Use, management and audit of the property**

**Article 16: Approval and management of the budget of RSSB**

**Ingingo ya 17: Annual finacial report**

**CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 18: Transitional period**

**Article 19: Drafting, consideration and adoption of this law**

**Article 20: Repealing provisions**

**Article 21: Commencement**

**Article 14: Transfert du patrimoine des établissements fusionnés**

**Article 15: Utilisation, gestion et audit du patrimoine**

**Article 16: Adoption et gestion du budget de RSSB**

**Ingingo ya 17: Rapport annuel de l'exercice comptable**

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 18: Période transitoire**

**Article 19: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 20: Disposition abrogatoire**

**Article 21 : Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N°45/2010 RYO KUWA 14/12/2010 RISHYIRAHO IKIGO CY'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA (RSSB) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 25 Ukwakira 2010;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 20 Ukwakira 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 9, iya 41, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya 183 n'iya 201;

**LAW N°45/2010 OF14/12/2010 ESTABLISHING RWANDA SOCIAL SECURITY BOARD (RSSB) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**We, KAGAME Paul**,
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 25 October 2010;

The Senate, in its session of 20 October 2010;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 9, 41, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 183, and 201;

**LOI N°45/2010 DU 14/12/2010 PORTANT CREATION DE L'OFFICE RWANDAIS DE SECURITE SOCIALE (RSSB) ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 25 octobre 2010;

Le Sénat, en sa séance du 20 octobre 2010;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 9, 41, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108,113, 118, 183 et 201 ;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye Ibigo bya Leta;

Isubiye ku Itegeko-teka ryo kuwa 22/08/1974 rigenga Ubwiteganyirize bw'Abakozi, mu ngingo yaryo ya 4;

Isubiye ku Itegeko n° 24/2001 ryo kuwa 27/04/2001 rishyiraho kandi rigena imitunganyirize n'imikorere y'Ubwishingizi bw'Indwara ku bakozi ba Leta mu ngingo yaryo ya 2;

Isubiye ku Itegeko n° 27/2007 ryo kuwa 27/06/2007 rigena inshingano, imiterere n`imikorere by'Ikigo cy'Ubwishingizi bw'Indwara ku bakozi ( RAMA);

Isubiye ku Itegeko n° 60/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena inshingano, imiterere n`imikorere by`Isanduku y`Ubwiteganyirize bw`Abakozi y`u Rwanda (CSR);

**YEMEJE:**

**<u>UMUTWE WA MBERE</u>: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyizeho Ikigo cy' Ubwiteganyirize mu

Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions Governing Public Institutions;

Having reviewed the Decree Law of 22/08/1974 governing Social Security, in Article 4;

Having reviewed Law n° 24/2001 of 27/04/2001 on the establishment, organization and functioning of Health Insurance Scheme for Government employees in Article 2;

Having reviewed Law n° 27/2007 of 27/06/2007 determining the responsibilities, organization and functioning of a Health Insurance Scheme for employees (RAMA);

Having reviewed Law n° 60/2008 of 10/09/2008 determining the responsibilities, organization and functioning of Rwanda Social Security Fund (CSR);

**ADOPTS:**

**<u>CHAPTER ONE</u>: GENERAL PROVISIONS**

**<u>Article One</u>: Purpose of this Law**

This Law establishes the Rwanda Social Security

Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux Etablissements Publics;

Revu le Décret-loi du 22/08/1974 régissant la Sécurité Sociale, en son article 4;

Revu la Loi n° 24/2001 du 27/04/200 portant institution, organisation et fonctionnement d'un Régime d'Assurance Maladie des Agents de l'Etat en son article 2;

Revu la Loi n° 27/2007 du 27/07/2007 portant attributions, organisation et fonctionnement de la Rwandaise d'Assurance Maladie (RAMA);

Revu la Loi n° 60/2008 du 10/09/200 portant mission, organisation et fonctionnement de la Caisse Sociale du Rwanda (CSR);

**ADOPTE:**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: DISPOSITIONS GENERALES**

**<u>Article premier</u> : Objet de la présente loi**

La présente loi porte création de l'Office Rwandais

Rwanda "**RSSB**" mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Iri tegeko rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

RSSB ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo, kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga ibigo bya Leta.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1° **Ubwiteganyirize**: ingamba zishyirwaho na Leta kugira ngo abaturarwanda bashobore kurindwa ingaruka zishingiye ku ibura cyangwa igabanuka ry'umusaruro bitewe n'impamvu zikurikira: izabukuru, urupfu, ubumuga, ibyago bikomoka ku kazi, ikiruhuko cy'uburwayi, ikiruhuko cyo kubyara, kwivuza, gutakaza umurimo no gutunga umuryango. Izi ngamba kandi zishobora kwita ku birebana n'amacumbi, imirire myiza, uburezi, kugabanya ubukene hagamijwe imibereho myiza;

2° **Ubwishingizi:** Uburyo bw'ubwiteganyirize bujyanye no kwivuza, ikiruhuko cyo kurwara, ikiruhuko cyo kubyara, ibyago bikomoka ku kazi n'ibindi byakwishingirwa.

Board abbreviated as **"RSSB".** It also determines its mission, organization and functioning.

RSSB has a legal personality, administrative and financial autonomy and shall be governed in accordance with laws governing Public Institutions.

**Article 2: Definitions of terms**

In this Law, the following terms shall have the following meaning:

1° **Social Security**: a government program aimed at providing social protection to people living in Rwanda from effects based on lack or reduction of input due to the following reasons: old age, death, disability, occupational hazards, sick leave, maternity leave, treatment, unemployment and provide family basic necessities. The programme may also provide for shelter, nutrition, education, poverty reduction with an intention of social welfare;

2° **Insurance:** A way of Social Security with an aim of assisting during sickness, sick leave, maternity leave, occupational hazards and other types of insurance.

de Sécurité Sociale, **« RSSB »** en sigle anglais. Elle détermine également sa mission, son organisation et son fonctionnement.

RSSB est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative. Il est géré conformément aux lois régissant les établissements publics.

**Article 2: Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes :

1° **Sécurité Sociale**: mesures mises en place par l'Etat pour protéger ceux qui vivent au Rwanda contre les conséquences liées au manque ou à la diminution de productivité résultant des causes suivantes : vieillesse, décès, invalidité, risques professionnels, congé de maladie, congé de maternité, soins médicaux, perte d'emploi et subvenir aux besoins de la famille. Ces mesures peuvent également viser le logement, une bonne nutrition, l'éducation et la réduction de la pauvreté dans le but du bien-être;

2° **Assurance:** Système de Sécurité Sociale visant l'assistance en cas de maladie, de congé de maladie, de congé de maternité, de risques professionnels et autres types d'assurance.

**Ingingo ya 3: Icyicaro cya RSSB**

Icyicaro cya RSSB kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa.

RSSB ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Inama y'Ubuyobozi.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RSSB**

**Ingingo ya 4: Inshingano za RSSB**

Inshingano z'ingenzi za RSSB ni izi zikurikira:

1° gukurikirana no guteza imbere ibyerekeye pansiyo, ubwishingizi bw'ibyago bikomoka ku kazi, ubwishingizi bw'ikiruhuko cyo kubyara, ubwizigamire bwa mbere y'izabukuru n'andi mashami yaba ngombwa;
2° kwandika abakoresha, abakozi, abateganyirijwe, n'abiteganyirije ku giti cyabo bari mu mashami y'ubwiteganyirize RSSB icunga;
3° gukusanya no gucunga imisanzu nk'uko biteganywa n'amategeko;
4° gutanga ibigenerwa abateganyirijwe ;
5° kwishingira ibikorwa by'ubuvuzi

**Article 3: Head office of RSSB**

The head office of RSSB is located in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory if deemed necessary.

RSSB may have branches elsewhere in the country if deemed necessary, upon approval by the Board of Directors, in order to fulfill its mission.

**CHAPTER II: RESPONSABILITIES OF RSSB**

**Article 4: Responsibilities of RSSB**

The main responsibilities of RSSB shall be the following:

1° to monitor and promote pension, the insurance on occupational hazards, the insurance on maternity leave, the anticipated old age pension and other necessary branches;
2° to register employers, employees, beneficiary and person for whom subscription was made in various branches of the social security managed by RSSB;
3° to collect and manage contributions as provided by laws;
4° to pay social security benefits to beneficiaries;
5° to guarantee health insurance services

**Article 3: Siège de RSSB**

Le siège de RSSB est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

RSSB peut, en cas de nécessité, établir des agences en tout autre lieu du territoire national sur décision du Conseil d'Administration, pour s'acquitter de sa mission.

**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS DE RSSB**

**Article 4: Attributions de RSSB**

Les principales attributions de RSSB sont les suivantes:

1° assurer le suivi et la promotion de tout ce qui concerne la pension, l'assurance risques professionnels, l'assurance congé de maternité, les prestations d'avant retraite et d'autres branches jugées nécessaires;
2° enregistrer les employeurs, les employés, les bénéficiaires et les assurés indépendants dans différentes branches de la sécurité sociale gérées par RSSB ;
3° collecter et gérer les cotisations conformément aux lois;
4° verser les prestations aux bénéficiaires;
5° garantir les services d'assurance maladie

bikorerwa abishingiwe;
6° gucunga ikigega cy'imisanzu;
7° gushora imari hakurikijwe amategeko;
8° kugira uruhare mu kugena politiki y'ubwiteganyirize;
9° kugira inama Guverinoma ku bijyanye n'ubwiteganyirize;
10° gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo bihuje inshingano haba ku rwego rw'akarere u Rwanda ruherereyemo cyangwa ku rwego mpuzamahanga.

**UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RSSB N'ICYICIRO IRIMO**

**Ingingo ya 5: Urwego rureberera RSSB n'icyiciro irimo**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera RSSB n'icyiciro irimo.

Hagati y'urwego rureberera RSSB n' urwego rufata ibyemezo hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano bya buri ruhande mu kugeza RSSB ku nshingano zayo.
Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize urwego rufata ibyemezo rwa RSSB.

rendered to beneficiaries;
6° to manage the contributions fund;
7° to engage in investments as provided by laws;
8° to contribute to the elaboration of social security policy;
9° to advise the Government on matters relating to social security;
10° to establish relations and collaborate with other regional or international institutions with similar missions.

**CHAPTER III: AUTORITY SUPERVISING RSSB AND ITS CATEGORY**

**Article 5 : Authority supervising RSSB and its category**

A Prime Minister Order shall determine the supervising authority of RSSB and its category.

There shall be concluded between the supervising authority of RSSB and its decision making organ performance contract determining competence, rights and obligations of each party in order for RSSB to fulfil its mission.
Such a contract shall be valid for a period equals to the term of office of the members of the decision making organ of RSSB.

rendus aux bénéficiaires;
6° gérer le fonds des cotisations;
7° effectuer des investissements conformément aux lois;
8° contribuer à l'élaboration de la politique de la sécurité sociale;
9° conseiller le Gouvernement en matière de sécurité sociale;
10° entretenir des relations et collaborer avec des institutions régionales ou internationales ayant les mêmes missions.

**CHAPITRE III : ORGANE DE TUTELLE DE RSSB ET SA CATEGORIE**

**Article 5 : Organe de tutelle de RSSB et sa catégorie**

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'organe de tutelle de RSSB et sa catégorie.

Il est conclu, entre l'organe de tutelle de RSSB et l'organe de décision, un contrat de performance déterminant les compétences, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation de la mission de RSSB.
Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres de l'organe de décision de RSSB.

**UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RSSB**

**Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi za RSSB**

RSSB igizwe n'inzego z'ubuyobozi ebyiri (2) zikurikira:

1° Inama y'Ubuyobozi;
2° Ubuyobozi Bukuru.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishobora kugena izindi nzego za ngombwa kugira ngo RSSB ishobore kurangiza inshingano zayo.

**Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 7: Inama y' Ubuyobozi ya RSSB**

Inama y'Ubuyobozi ya RSSB ni rwo rwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo. Ububasha, inshingano n'imikorere byayo kimwe n'igihe abayigize bamara ku mirimo yabo bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Iteka rya Perezida rishyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi harimo Perezida na Visi Perezida. Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere.

**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RSSB**

**Article 6: Management organs of RSSB**

RSSB shall be comprised of the two (2) following management organs:

1° the Board of Directors;
2° the General Directorate.

A Prime Minister's Order may establish other relevant organs in order for RSSB to fulfill its mission.

**Section One: Board of Directors**

**Article 7: Board of Directors of RSSB**

The Board of Directors of RSSB shall be its governing and decision making organ. Its competence, responsibilities, functioning as well as the term of office of its members shall be determined by a Prime Minister's Order.

A Presidential Order shall appoint members of the Board of Directors including the Chairperson and the Deputy Chairperson. Members of the Board of Directors shall be selected on the basis of their competence and expertise.

**CHAPITRE IV : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE RSSB**

**Article 6: Organes de direction de RSSB**

RSSB est doté de deux (2) organes de direction suivants:

1° le Conseil d'Administration;
2° la Direction Générale.

Un arrêté du Premier Ministre peut déterminer d'autres organes nécessaires en vue de la réalisation de la mission de RSSB.

**Section première: Conseil d'Administration**

**Article 7: Conseil d'Administration de RSSB**

Le Conseil d'Administration de RSSB est son organe de direction et de décision. Ses compétences, attributions, fonctionnement ainsi que la durée du mandat de ses membres sont déterminées par un arrêté du Premier Ministre.

Les membres du Conseil d'Administration dont un Président et un Vice- Président sont nommés par arrête présidentiel. Ils sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.

**Ingingo ya 8 : Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama**

Abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bagenerwa amafaranga agenwa n'iteka rya Perezida.

**Ingingo ya 9: Ibitabangikanywa no kuba mu Nama y'Ubuyobozi**

Abagize Inama y'Ubuyobozi ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri RSSB.

Ntibemerewe kandi, haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane, gupiganira amasoko atangwa na RSSB.

**Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru**

**Ingingo ya 10 : Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RSSB**

Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RSSB bashyirwaho n'iteka rya Perezida.
Ububasha, inshingano n'imikorere by'abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RSSB bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

At least thirty percent (30%) of the members of the Board of Directors shall be females.

**Article 8: Sitting allowances for members of the Board of Directors**

Members of the Board of Directors present in the meetings of the Board of Directors shall be entitled to sitting allowances determined by a Presidential Order.

**Article 9: Incompatibilities with the membership of the Board of Directors**

Members of the Board of Directors shall not be allowed to perform any remunerated activity within RSSB.
They shall also not be allowed neither individually nor companies in which they hold shares, to bid for tenders of RSSB.

**Section 2: General Directorate**

**Article 10: Composition of the General Directorate of RSSB**

Members of the General Directorate of RSSB shall be appointed by a Presidential Order.
The competence, responsibilities and functioning of the members of General Directorate of RSSB shall be determined by a Prime Minister's Order.

Trente pour cent (30%) au moins des membres du Conseil d'Administration sont du sexe féminin.

**Article 8: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration**

Les membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du Conseil d'Administration bénéficient des jetons de présence dont le montant est déterminé par un arrêté présidentiel.

**Article 9 : Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration**

Les membres du Conseil d'Administration ne sont pas autorisés à exercer des fonctions rémunérées au sein de RSSB.

Ils ne sont non plus autorisés, ni individuellement ni les sociétés dont ils sont actionnaires, de soumissionner aux marchés de RSSB.

**Section 2: Direction Générale**

**Article 10: Composition de la Direction Générale de RSSB**

Les membres de la Direction Générale de RSSB sont nommés par arrêté présidentiel.
Les compétences, les attributions et le fonctionnement des membres de la Direction Générale de RSSB sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

**Ingingo ya 11: Stati igenga abakozi ba RSSB n'ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RSSB**

Abakozi ba RSSB bagengwa na stati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta.

Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru n'abakozi ba RSSB biteganywa n'amategeko agenga ibyo abakozi b'ibigo bya Leta bagenerwa.

**Ingingo ya 12: Imikorere, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo za RSSB**

Imikorere, imiterere n'inshingano by'inzego z'imirimo za RSSB bigenwa n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.

**UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI**

**Ingingo ya 13: Umutungo wa RSSB n'inkomoko yawo**

Umutungo wa RSSB ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.
Umutungo wa RSSB ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° imisanzu yemejwe n'itegeko;

**Article 11: Statute governing staff of RSSB and benefits of members of the General Directorate and the staff of RSSB**

The staff of RSSB shall be governed by the General Statute for Rwanda Public Service.

Benefits allocated to the members of the General Directorate and to the staff of RSSB shall be determined in accordance with legal provisions governing benefits to employees of public institutions.

**Article 12: Functioning, organization and responsibilities of organs of RSSB**

The functioning, organization and responsibilities of organs of RSSB shall be determined by a Prime Minister's Order.

**CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCE**

**Article 13: Property of RSSB and its source**

The property of RSSB shall be comprised of movables and immovables.
The property of RSSB shall come from the following sources:

1° contributions as determined by law;

**Article 11: Statut du personnel de RSSB et avantages des membres de la Direction Générale et du personnel de RSSB**

Le personnel de RSSB est régi par le Statut général de la fonction publique rwandaise.

Les avantages accordés aux membres de la Direction Générale du RSSB et à son personnel sont fixés conformément aux dispositions légales régissant les avantages alloués au personnel des établissements publics.

**Article 12: Fonctionnement, organisation et attributions des organes de RSSB**

Le fonctionnement, l'organisation et les attributions des organes de RSSB sont déterminés par arrêté du Premier Ministre.

**CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES**

**Article 13: Patrimoine de RSSB et ses sources**

Le patrimoine de RSSB comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine de RSSB provient des sources suivantes:

1° les contributions déterminées par la loi;

2° amafaranga akomoka ku bihano by`ubukererwe;
3° ibituruka ku mirimo ikora;
4° inyungu ku ishoramari;
5° inguzanyo zihabwa RSSB zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;
6° impano n'indagano;
7° umutungo w'ibigo byahujwe bivugwa muri iri tegeko.

**Ingingo ya 14: Kwegurirwa umutungo w'ibigo byahujwe**

Imitungo yaba iyimukanwa cyangwa itimukanwa, imyenda n'amazina by'Ibigo RAMA na CSR byeguriwe RSSB.

**Ingingo ya 15: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo**

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa RSSB bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga. Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa RSSB buha raporo Inama y'Ubuyobozi, bukagenera kopi uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa RSSB.

Imisanzu y'ubwiteganyirize, amafaranga agenerwa abateganyirizwa, amafaranga abikuzwa n'abiteganyirije bisonewe imisoro n'amahoro.

2° late payment penalty fees;
3° income from its services;
4° interests from investments;
5° loans granted to RSSB and approved by the Minister in charge of Finance;
6° donation and bequest;
7° property of merged public institutions provided for in this law.

**Article 14: Transfer of property of merged institutions**

Movables, immovables, liabilities and denominations of RAMA and CSR are hereby transferred to RSSB.

**Article 15: Use, management and audit of the property**

The use, management and audit of the property of RSSB shall be carried out in accordance with relevant legal provisions. RSSB internal audit service shall submit a report to the Board of Directors with a copy to the head of the General Directorate of RSSB.

Social security contributions, social benefits that may be given to beneficiaries as well as those received by the beneficiaries are exempted from paying taxes and duties.

2° les pénalités pour retard;
3° le produit des services prestés;
4° les revenus des investissements;
5° les prêts accordés à RSSB approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;
6° les dons et legs;
7° le patrimoine des établissements fusionnés visés dans la présente loi.

**Article 14: Transfert du patrimoine des établissements fusionnés**

Les biens meubles et immeubles, le passif et les dénominations de RAMA et de la CSR sont transférés à RSSB.

**Article 15: Utilisation, gestion et audit du patrimoine**

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de RSSB sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière. Le service d'audit interne de RSSB transmet son rapport au Conseil d'Administration avec copie au dirigeant de la direction générale de RSSB.

Les cotisations, les prestations en faveur des bénéficiaires ainsi que les prestations reçues par les bénéficiaires sont exonérées des taxes et d'impôts.

Ubundi busonerwe bw'umusoro ku nyungu, ku ishoramari n'indi misoro ikomoka ku bikorwa by'ibigo bikora umwuga w'ubwiteganyirize bugenwa n'amategeko agenga imisoro.

**Ingingo ya 16: Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RSSB**

Ingengo y'imari ya RSSB yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 17: Raporo y'umwaka w'ibaruramari**

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, uyobora Ubuyobozi Bukuru bwa RSSB ashyikiriza urwego rureberera RSSB raporo y'umwaka w'ibaruramari, imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

**UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 18: Igihe cy'inzibacyuho**

RSSB ihawe igihe kitarenze amezi atandatu (6) uhereye umunsi iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti

The other methods of tax exemption on the incomes, on the investment, as of other types of taxes resulting from the activities of the establishments engaged in the social security are given in accordance with the tax laws.

**Article 16: Approval and management of the budget of RSSB**

The budget of RSSB shall be approved and managed in accordance with relevant legal provisions.

**Ingingo ya 17: Annual finacial report**

Within three (3) months following the closure of the financial year, the head of the General Directorate of RSSB shall submit the annual financial report to the supervising authority of RSSB after its approval by the Board of Directors in accordance with laws governing management of State finance and property.

**CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 18: Transitional period**

RSSB is given a period not exceeding six (6) months from the date of the publication of this Law

Les autres modalités d'exonération fiscale sur les revenus, sur l'investissement ainsi que d'autres types d'impôts résultant des activités des établissements du secteur de la sécurité sociale sont déterminées conformément aux lois fiscales.

**Article 16: Adoption et gestion du budget de RSSB**

Le budget de RSSB est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

**Ingingo ya 17: Rapport annuel de l'exercice comptable**

Dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le dirigeant de la direction générale du RSSB transmet à l'organe de tutelle de RSSB le rapport annuel de l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux dispositions légales régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 18: Période transitoire**

RSSB dispose d'un délai ne dépassant pas six (6) mois à partir de la date de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda,

ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, kugira ngo ibe yahuje imirimo yakorwaga n'ibigo RAMA na CSR.

in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, to merge the activities formerly performed by RAMA and CSR.

pour fusionner les activités qui étaient exercées par les établissements RAMA et CSR.

**Ingingo ya 19: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Article 19: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 19: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

**Ingingo ya 20: Ivanwaho ry'amategeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Itegeko n° 27/2007 ryo kuwa 27/06/2007 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'Ubwishingizi bw'Indwara ku bakozi (RAMA), Itegeko n° 60/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena inshingano, imiterere n`imikorere by`Isanduku y`Ubwiteganyirize bw`Abakozi y`u Rwanda (CSR) n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Article 20: Repealing provision**

Law n° 27/2007 of 27/06/2007 determining the responsibilities, organization and functioning of a Health Insurance Scheme for employees (RAMA), Law n° 60/2008 of 10/09/2008 determining the responsibilities, organization and functioning of Rwanda Social Security Fund (CSR) and all prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

**Article 20: Disposition abrogatoire**

La Loi n° 27/2007 of 27/06/2007 portant attributions, organisation et fonctionnement de la Rwandaise d'Assurance Maladie (RAMA), la Loi n° 60/2008 du 10/09/2008 portant missions, organisation et fonctionnement de la Caisse Sociale du Rwanda (CSR) et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Ingingo ya 21: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 14/12/2010

**Article 21: Commencement**

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 14/12/2010

**Article 21 : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 14/12/2010

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**MAKUZA Bernard**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**MAKUZA Bernard**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**MAKUZA Bernard**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

**ITEGEKO N°51/2010 RYO KUWA 10/01/2010 RISHYIRAHO IKIGO MPUZAMAHANGA CY'UBUKEMURAMPAKA CYA KIGALI RIKANAGENA IMITUNGANYIRIZE, IMIKORERE N'UBUBASHA BYACYO**

**ISHAKIRO**

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije**

**Ingingo 2 : Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA II : ISHYIRWAHO RY'IKIGO**

**Ingingo ya 3: Ishyirwaho ry'Ikigo**

**UMUTWE WA III : INSHINGANO N'UBUBASHA BY'IKIGO**

**Ingingo ya 4 : Inshingano z'Ikigo**

**Ingingo ya 5: Ububasha bw'Ikigo**

**UMUTWE WA IV : IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'IKIGO**

**LAW N°51/2010 OF 10/01/2010 ESTABLISHING THE KIGALI INTERNATIONAL ARBITRATION CENTRE AND DETERMINING ITS ORGANISATION, FUNCTIONING AND COMPETENCE**

**TABLE OF CONTENTS**

**CHAPTER ONE : GENERAL PROVISIONS**

**Article One : Purpose of this Law**

**Article 2: Definitions of terms**

**CHAPTER II : ESTABLISHMENT OF THE CENTRE**

**Article 3: Establishment of the Centre**

**CHAPTER III: ATTRIBUTIONS AND COMPETENCE OF THE CENTRE**

**Article 4: Attributions of the Centre**

**Article 5: Competence of the Centre**

**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE CENTRE**

**LOI N° 51/2010 DU 10/01/2010 PORTANT CREATION DU CENTRE INTERNATIONAL D'ARBITRAGE DE KIGALI ET DETERMINANT SON ORGANISATION, FONCTIONEMENT ET SA COMPETENCE**

**TABLE DES MATIERES**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

**Article 2 : Définitions de termes**

**CHAPITRE II : CREATION DU CENTRE**

**Article 3 : Création du Centre**

**CHAPITRE III : ATTRIBUTIONS ET COMPETENCE DU CENTRE**

**Article 4 : Attributions du Centre**

**Article 5: Compétence du Centre**

**CHAPITRE IV : ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU CENTRE**

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 6: Inzego z'Ubuyobozi z'Ikigo** | **Article 6: Management organs of the Centre** | **Article 6 : Organes de gestion du Centre** |
| **Ingingo ya 7: Inama y'Ubuyobozi** | **Article 7: Board of Directors** | **Article 7 : Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 8: Manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi** | **Article 8: Term of office of members of the Board of Directors** | **Article 8 : Mandat des membres du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 9: Impamvu zituma umuntu atemererwa kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi** | **Article 9: Reasons for ineligibility as member of the Board of Directors** | **Article 9 : Motifs d'inéligibilité en tant que membre du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 10 : Impamvu zituma uri mu Nama y'ubuyobozi avamo** | **Article 10: Reasons for leaving the membership of the Board of Directors** | **Article 10 : Motifs de cessation de la qualité de membre du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 11: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi** | **Article 11: Responsibilities of the Board of Directors** | **Article 11 : Attributions du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 12: Ubunyamabanga Bukuru** | **Article 12: General Secretariat** | **Article 12 : Secrétariat Général** |
| **Ingingo ya 13: Izindi nzego zunganira inzego z'Ubuyobozi** | **Article 13: Other supporting organs** | **Article 13 : Autres organes d'appui** |
| **Ingingo ya 14: Inteko y'Abakemurampaka** | **Article 14: Panel of Arbitrators** | **Article 14 : Collège des arbitres** |
| **Ingingo ya 15: Akanama Ngishwanama** | **Article 15 : Advisory Committee** | **Article 15 : Conseil Consultatif** |
| **Ingingo ya 16 : Ivanwaho n'iyegura ry'abagize Inteko y'Abakemurampaka n'Akanama Ngwishwanama** | **Article 16: Removal and resignation from office of members of the Panel of Arbitrators and the Advisory Committee** | **Article 16 : Révocation et démission des membres du Collège des arbitres et du Conseil Consultatif** |
| **Ingingo ya 17 :Uburyo bukoreshwa mu gukemura impaka** | **Article 17: Arbitration procedures** | **Article 17 : Procédures d'arbitrage** |

**UMUTWE WA V: UMUTUNGO W'IKIGO**

**Ingingo ya 18: Inkomoko y'umutungo w'Ikigo**

**Ingingo ya 19: Igenzurwa ry'umutungo w'Ikigo**

**Ingingo ya 20: Raporo y'umwaka**

**UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 21: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

**Ingingo ya 22: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 23: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**CHAPTER V: PROPERTY OF THE CENTRE**

**Article 18: Sources of the property of the Centre**

**Article 19: Audit of the property of the Centre**

**Article 20: Annual report**

**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 21: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 22: Repealing provision**

**Article 23: Commencement**

**CHAPITRE V : PATRIMOINE DU CENTRE**

**Article 18 : Sources du patrimoine du Centre**

**Article 19 : Audit du patrimoine du Centre**

**Article 20 : Rapport annuel**

**CHAPITRE VI : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 21 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 22 : Disposition abrogatoire**

**Article 23: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N°51/2010 RYO KUWA 10/01/2010 RISHYIRAHO IKIGO MPUZAMAHANGA CY'UBUKEMURAMPAKA CYA KIGALI RIKANAGENA IMITUNGANYIRIZE, IMIKORERE N'UBUBASHA BYACYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 10 Ugushyingo 2010**;**

Sena mu nama yayo yo kuwa 19 Nyakanga 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108 n'iya 201;

**LAW N°51/2010 OF 10/01/2010 ESTABLISHING THE KIGALI INTERNATIONAL ARBITRATION CENTRE AND DETERMINING ITS ORGANISATION, FUNCTIONING AND COMPETENCE**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 10 November 2010;

The Senate, in its session of 19 July 2010;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 and 201;

**LOI N° 51/2010 DU 10/01/2010 PORTANT CREATION DU CENTRE INTERNATIONAL D'ARBITRAGE DE KIGALI ET DETERMINANT SON ORGANISATION, FONCTIONEMENT ET SA COMPETENCE**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République ;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 10 novembre 2010 ;

Le Sénat, en sa séance du 19 juillet 2010 ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108 et 201 ;

Ishingiye ku Itegeko n° 005/2008 ryo kuwa 14/02/2008 ryerekeye ubukemurampaka n'ubwunzi mu bibazo by'ubucuruzi;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE : INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere : Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho Ikigo Mpuzamahanga cy'Ubukemurampaka cya Kigali. Rigena kandi imitunganyirize, imikorere n'ububasha byacyo.

**Ingingo 2 : Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

**«Inama y'Ubuyobozi »**: Urwego rukuru rw'Ikigo rufata ibyemezo by'Ikigo;

| **Ingingo ya 16: Icyemezo cyo gutwara abantu n'ibintu mu kirere** | **Article 16: Air transport services of goods and passengers certificate** | **Article 16: Permis d'exploitation des services de transport aérien de marchandises et de personnes** |
| **Ingingo ya 17: Amashuri yigisha iby'indege n'ibigo bizikanika** | **Article 17: Aviation schools and aircraft maintenance organizations** | **Article 17: Ecoles d'aviation et entreprises de maintenance d'aéronefs** |
| **Ingingo ya 18: Impapuro abasaba impushya n'ibyemezo buzuza** | **Article 18: Licenses and certificates application forms** | **Article 18: Formulaires de demande de permis et de certificats** |
| **Ingingo ya 19: Guha agaciro ibyangombwa byatanzwe n'ibindi bihugu** | **Article 19: Validation of licenses and certificates issued by other countries** | **Article 19: Validation de permis et certificats délivrés par d'autres pays** |
| **Ingingo ya 20: Ububasha bwo gukora igenzura** | **Article 20: Power of inspection** | **Article 20: Pouvoir d'inspection** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 21: Kubuza indege kuguruka** | **Article 21: Preventing an aircraft from flying** | **Article 21: Interdire un aéronef de voler** |
| **Ingingo ya 22: Gutwara ibicuruzwa byateza impanuka mu ndege** | **Article 22: Transportation of goods that may cause a plane accident** | **Article 22: Transport de marchandises susceptibles de causer un accident à l'aéronef** |
| **Ingingo ya 23: Inshingano za ba nyir'indege n'abakozi bo mu by'indege** | **Article 23: Obligations of owners and aircrafts personnel** | **Article 23: Obligations des propriétaires et du personnel d'aéronefs** |
| **Ingingo ya 24: Kuvugurura, guhindura, guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu impushya n'ibyemezo** | **Article 24: Renewal, modification, suspension or cancellation of licenses and certificates** | **Article 24 : Renouvellement, modification, suspension ou révocation des permis et des certificats** |
| **Ingingo ya 25: Komite y'ubujurire** | **Article 25: Appeal Committee** | **Article 25 : Comité d'appel** |
| **Ingingo ya 26: Ibibujijwe** | **Article 26: Prohibitions** | **Article 26: Restrictions** |
| **Ingingo ya 27: Itangwa rya serivisi zo mu kirere** | **Article 27: Providing the air navigation services** | **Article 27: Fourniture des services de navigation aérienne** |
| **Ingingo ya 28: Serivisi z'ubutabazi mu by'indege** | **Article 28: Air assistance and rescue services** | **Article 28 : Services de secours et de sauvetage aériens** |
| **Ingingo ya 29: Serivisi itanga amakuru mu by'indege** | **Article 29: Aeronautical information service** | **Article 29: Service d'information aéronautique** |
| **Ingingo ya 30: Iperereza ku mpanuka z'indege za gisiviri** | **Article 30: Investigations on civil plane crash** | **Article 30: Enquêtes sur les accidents d'aéronefs civils** |
| **Ingingo ya 31: Inshingano z'Ikigo ku rwego mpuzamahanga** | **Article 31: Authority's international responsibilities** | **Article 31: Attributions de l'Office au niveau international** |
| **UMUTWE WA III: IBIBUGA BY'INDEGE** | **CHAPTER III: AIRDROMES** | **CHAPTRE III : AERODROMES** |

| | | |
|---|---|---|
| **Ingingo ya 32: Ishyirwaho ry'ibibuga by'indege** | **Article 32 Establishment of airdromes** | **Article 32: Mise en place d'aérodromes** |
| **Ingingo ya 33: Gutanga ibyemezo ku bibuga by'indege** | **Article 33: Issuance of airdrome certificates** | **Article 33: Délivrer des certificats d'aérodromes** |
| **Ingingo ya 34: Serivisi za gasutamo n'iz'abinjira n'abasohoka** | **Article 34: Customs and immigration and emigration services** | **Article 34: Services de douane et ceux d'immigration et d'émigration** |
| **Ingingo ya 35: Ikoreshwa ry'ibibuga** | **Article 35: Use of airdromes** | **Article 35: Utilisation des aérodromes** |
| **Ingingo ya 36: Ububasha bwo gufata icyemezo** | **Article 36: Decision making power** | **Article 36: Pouvoir de prendre des décisions** |
| **Ingingo ya 37: Ubusonerwe** | **Article 37: Exemption** | **Article 37: Dispense** |
| **Ingingo ya 38: Kubazwa ibyangiritse** | **Article 38: Liability over damages** | **Article 38: Responsabilité en cas de dommages** |
| **Ingingo ya 39: Ibangamirwa ritewe n'indege n'ibibuga byazo** | **Article 39: Nuisance caused by aircrafts and airdromes** | **Article 39: Nuisances causées par les aéronefs et les aérodromes** |
| **Ingingo ya 40: Intambara n'ibihe bidasanzwe** | **Article 40 : War and emergencies** | **Article 40: Guerre et cas d'urgence** |
| **UMUTWE WA IV: IBYAHA N'IBIHANO** | **CHAPTER IV: OFFENSES AND PENALTIES** | **CHAPITRE IV : INFRACTIONS ET PEINES** |
| **Ingingo ya 41: Gukoresha impapuro mpimbano** | **Article 41: Counterfeiting and falsification** | **Article 41: Contrefaçon et usage de faux** |
| **Ingingo ya 42: Kubangamira imikoreshereze y'ikirere** | **Article 42: Interfere with the use of the airspace** | **Article 42: Contrecarrer l'utilisation de l'espace aérien** |
| **Ingingo ya 43: Kwanga gutanga ubuhamya, ibitabo cyangwa inyandiko no kutubaha** | **Article 43: Refusal to testify, to hand over books or any documents or to abide by the** | **Article 43 : Refus de témoigner, de donner les livres ou les documents et de respecter les** |

**ibisabwa**

**Ingingo ya 44: Kubangamira imikoreshereze y'indege**

**Ingingo ya 45 : Kuvanaho, guhisha no gufatira ibice by'indege**

**UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 46: Guha agaciro ibyakozwe**

**Ingingo ya 47: Igihe cy'inzibacyuho**

**Ingingo ya 48 : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko**

**Ingingo ya 49: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo 50: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**requirements**

**Article 44: Interference with the use of an aircraft**

**Article 45: Removal, concealment of and withholding parts of an aircraft**

**CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 46: Validity of previous actions**

**Article 47: Transitional period**

**Article 48: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 49: Repealing provision**

**Article 50: Commencement**

**exigences**

**Article 44 : Interférence dans l'utilisation d'un aéronef**

**Article 45: Enlever, cacher ou retenir les pièces d'un aéronef**

**CHAPTRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 46: Validité des actions antérieures**

**Article 47: Période transitoire**

**Article 48: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 49: Disposition abrogatoire**

**Article 50: Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N°52/2010 RYO KUWA 20/01/2011 RIGENA AMABWIRIZA MU BY'INDEGE ZA GISIVIRI**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 31 Gicurasi 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108, n'iya 201;

Ishingiye ku masezerano Mpuzamahanga mu by'indege za Gisiviri y'i Chicago yo kuwa 07 Ukuboza 1944 nk'uko yemejwe n'itegeko ryo ku wa 30/04/1944 ;

Isubiye ku Itegeko ryo kuwa 23/01/1971 rigenga

**LAW N°52/2010 OF 20/01/2011 GOVERNING CIVIL AVIATION**

**We, KAGAME Paul,**
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 31 May 2010;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67 , 90, 92, 93, 108 and 201;

Pursuant to the Chicago Convention on International Civil Aviation of 7 December 1944 as ratified by Law of 30 /04/1944 ;

Having reviewed Law of 23/01/1971

**LOI N°52/2010 DU 20/01/2011 RELATIVE A LA REGLEMENTATION DE L'AVIATION CIVILE**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT :**

La Chambre des Députés, en sa séance du 31 mai 2010;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 et 201;

Vu la Convention de Chicago sur l'Aviation Civile Internationale du 7 Décembre 1944 telle que ratifiée par la loi du 30/04/1944;

Revu la Loi du 23/01/1971 portant

iby'indege za Gisiviri nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rigena amabwiriza mu by'indege za Gisiviri.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko aya magambo asobanura ibi bikurikira:

1° **ikibuga cy'indege**: ikibanza cyemewe ku butaka cyangwa mu mazi, inyubako n'ibindi bikoresho bikenerwa mu korohereza indege kugwa no guhaguruka**;**

2° **gutwara abantu n'ibintu mu kirere:** gutwara abantu n'ibintu hakoreshejwe inzira z'ikirere zo mu gihugu cyangwa mpuzamahanga;

3° **indege**: ibyuma byose biguruka, birimo ibigendera mu kirere, ibihagurukira cyangwa ibigwa ku mazi, ibigwa ku

establishing Regulations Governing Civil Aviation as modified and complemented to date;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Law**

This Law governs civil aviation.

**Article 2: Definitions of terms**

For the purposes of this Law, the terms below shall be defined as follows:

1° **airdrome/airport**: any recognized area on the land or on water, any buildings, installations and equipment necessary for landing and departure of aircrafts;

2° **air transport service**: domestic or international service for the carriage of passengers and goods by air;

3° **aircraft**: all flying machines, such as aeroplanes, seaplanes, those landing on boats, gliders, and all other

Réglementation de l'Aviation Civile telle que modifiée et complétée à ce jour;

**ADOPTE :**

**CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet de la présente loi**

La présente loi détermine la réglementation de l'aviation civile.

**Article 2: Définitions des termes**

Aux fins de la présente loi, les termes suivants sont définis comme suit:

1° **aérodrome/aéroport:** une surface reconnue sur terre ou sur l'eau, les bâtiments, les autres installations et matériels nécessaires à l'atterrissage et au décollage des aéronefs;

2° **service de transport aérien**: service national ou international de transport aérien de passagers et des biens;

3° **aéronef :** l'ensemble des appareils volants, aéroplanes, hydravions ceux qui atterrissent sur les porte-avions,

bwato buri mu Nyanja, ibigendera mu kirere nta moteri n'izindi mashini zose zifashishwa mu kuguruka aho kwifashisha ikirere n'ubutaka cyangwa ikindi cyose kirushwa uburemere n'umwuka;

4° **serivisi zo mu kirere:**

a) itumanaho rikorerwa ku butaka no mu kirere, rigenewe kubungabunga umutekano w'indege;

b) ibikoresho byose byifashishwa mu kuyobora indege nka radiyo, radari, ibyogajuru n'ibikoresho by'urumuri;

c) serivisi iyobora indege mu kirere kugira ngo zitagira ibibazo;

d) iteganyagihe ritangwa hagamijwe kubungabunga umutekano w'indege mu kirere;

5° **inzira y'ikirere:** ikirere cyose kigenderwamo n'indege hagati y'impembe ebyiri n'undi mwanya uri munsi mu kirere kugeza aho amabwiriza yo gutwara indege mu kirere ateganya;

6° **ibikoreshwa mu nzira y'ikirere:** ibyifashishwa mu kubungabunga

machines that derive support from the reactions of the air other than the reactions of the air against the earth's surface or other craft that are lighter than air.

4° **air navigation services:**

a) communication services conducted between the ground and the space intended for ensuring safety of the aircrafts;

b) any devices used for directing the progress of aircraft such as radio, radar, satellite and visual aids for navigation;

c) air traffic service provided for the safety of flight;

d) meteorological services provided for the safety and regularity of flight;

5° **air route**: navigable airspace between two points and the terrain beneath such airspace identified, up to the extent determined by the flight rules;

6° **air route and airway facilities**: facilities used for safety navigation of

planeurs et tous autres appareils utilisés pour se mouvoir dans l'atmosphère grâce à des réactions de l'air autres que les réactions de l'air sur la surface de la terre et à l'exception des engins plus légers que l'air.

4° **services de navigation aérienne :**

a) les services de communication sol-sol ou sol-air destiné à assurer la sécurité des aéronefs ;

b) les services de navigation, y compris la radio, radar, satellite et les aides visuelles à la navigation ;

c) le service de trafic aérien fourni aux aéronefs aux fins d'assurer leur sécurité en vol;

d) les services météorologiques fournis aux fins d'assurer la sécurité et la régularité des vols ;

5° **route aérienne** : l'espace aérien de navigation entre deux points et l'espace au sol situé au-dessous de cet espace aérien et identifié dans la mesure nécessaire à l'application des règles de vol ;

6° **installations de routes et voies aériennes :** les installations destinées à

umutekano w'indege mu kirere cy'indege cyangwa mu nzira z'indege cyaba:

a) ibyifashishwa bigaragaza urumuri n'ibitarugaragaza mu kirere cy'indege cyangwa mu nzira z'indege;

b) ibyifashihwa bigaragaza urumuri n'ibitarugaragaza mu kumanuka no kugwa kw'indege ku bibuga;

c) itumanaho n'iteganya gihe;

d) ibikoreshwa mu kuyobora indege mu kirere;

7° **Komite y'ubujurire**: urwego rwitabazwa n'utishimiye icyemezo cyafashwe n'Ikigo**;**

8° **Ikigo**: Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe iby'Indege za Gisiviri;

9° **Umuyobozi Mukuru:** Ushinzwe Ubuyobozi Bukuru bw'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe iby'Indege za Gisiviri;

10° **Umukozi:** umuntu wese ukora mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe iby'Indege za Gisiviri;

11° **Minisitiri**: Minisitiri ufite mu nshingano ze iby'indege za gisiviri;

12° **umuntu**: uwikorera cyangwa umuhagarariye, isosiyete, umuryango,

aircraft within the airspace of air routes and airways whether:

a) luminou**s** and non-luminous signs along the air routes and airways;

b) luminous and non-luminous signs used for landing of aircrafts at airdromes;

c) communication and meteorological services;

d) air traffic control services and facilities;

7° **Appeal Committee**: a body to which person who is not satisfied with a decision made by the Authority may appeal ;

8° **Authority**: Rwanda Civil Aviation Authority;

9° **Director General**: the Chief Executive of the Civil Aviation Authority;

10° **Officer**: any member of the staff of the Civil Aviation Authority;

11° **Minister**: the Minister in- charge of civil aviation;

12° **person**: any individual or his/her representative, company,

assurer la sécurité de navigation d'aéronefs dans l'espace aérien par :

a) des signaux lumineux et non-lumineux le long des routes et voies aériennes ;

b) des signaux lumineux et non-lumineux utilisés pour la phase d'approche et d'atterrissage des aéronefs sur les aéroports ;

c) des services de communication et de météorologie ;

d) des services et des installations de contrôle du trafic aérien ;

7° **Comité d'appel** : organe établi auquel une personne lésée par une décision de l'Office peut faire appel ;

8° **Office** : l'Office Rwandais de l'Aviation Civile ;

9° **Directeur Général** : le responsable de la Direction Générale de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile;

10° **Agent** : tout membre du personnel de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile ;

11° **Ministre** : le Ministre ayant l'aviation civile dans ses attributions ;

12° **personne** : toute personne physique ou son représentant, une société, une

ikigo, ishyirahamwe, urugaga rw'amashyirahamwe cyangwa abahagarariye amashyirahamwe n'amasosiyete bivugwa muri aka gace;

13° **itangazo**: amakuru yose atangwa hakurikijwe iri tegeko agenewe abapilote n'abandi bakora mu ndege, amakuru yanditswe ku bijyanye n'ibyerekeye indege cyangwa agenewe abatekinisiye b'indege na banyirazo n'amakuru y'Ikigo cy'Indege za Gisiviri cyangwa andi yemewe na Leta, hagamijwe ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko;

14° **u Rwanda:** ubuso bw'ubutaka n'ubw'amazi ndetse n'ubuso bw'ikirere kiri hejuru yabyo;

15° **indege za Leta**: indege za gisirikare, iza gasutamo cyangwa iza polisi.

**<u>Ingingo ya 3</u> : Ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko**

Iri tegeko rikoreshwa ku:

1° bakozi bo mu by'indege za gisiviri;

2° ndege zose z'u Rwanda za gisiviri ziri mu Rwanda cyangwa hanze y'u Rwanda;

3° ndege zose z'amahanga ziri mu Rwanda;

organisation, corporation, association, collective of associations or representative of the associations and companies referred to in this point;

13° **publication**: any information provided in accordance with this Law and designed for pilots and other crew members, written information in connection with aircrafts or intended for engineers for and owners of aircrafts and information by the Civil Aviation Authority or any other official information towards the enforcement of this Law;

14° **Rwanda**: the land and water territory of Rwanda as well as the airspace above such a territory;

15° **State aircraft**: military, customs or police aircrafts.

**<u>Article 3</u>: Applicability of this Law**

This Law shall apply to:

1° all civil aircrafts personnel;

2° all Rwandan aircrafts in or outside Rwanda;

3° all foreign aircrafts in Rwanda;

organisation, un établissement, une association ou un collectif des associations ou les représentants des associations et des sociétés reprises au présent point;

13° **publication** : toutes les informations fournies conformément à la présente loi destinées aux pilotes et aux autres agents des aéronefs, les publications écrites en rapport avec les aéronefs ou destinées aux techniciens et aux propriétaires d'aéronefs, les publications de l'Office Rwandais de l'Aviation Civile ou autres publications officielles visant la mise en application de la présente loi ;

14° **Rwanda** : le territoire sur terre et sur eau, y compris l'espace aérien au dessus de ce territoire;

15° **aéronefs d'Etat** : les aéronefs militaires, de douane ou de la police.

**<u>Article 3</u>: Application de la présente loi**

La présente loi s'applique à :

1° tout le personnel des aéronefs civils ;

2° tous les aéronefs civils appartenant au Rwanda et se trouvant au Rwanda ou hors du Rwanda ;

3° tous les aéronefs étrangers se trouvant

4° mikoreshereze y'ikirere cyose cy'u Rwanda;

5° bibuga by'indege byose mu Rwanda;

6° bijyanye no gutwara abantu n'ibintu mu kirere n'ibikorerwa mu kirere byose mu Rwanda;

7° mayira yose yo mu kirere n'imikoreshereze ya serivisi zo mu kirere cy'u Rwanda.

**Ingingo ya 4 : Uburenganzira ku buso bw'ikirere**

U Rwanda rufite uburenganzira busesuye kandi budasubirwaho ku buso bw'ikirere kiri hejuru y'ubutaka bwarwo.

**Ingingo ya 5 : Ingendo zo mu kirere zidahoraho**

Indege zose z'ibihugu byasinye amasezerano ya Chicago zidakora ingendo mpuzamahanga ku buryo buhoraho zemererwa kwinjira mu kirere cy'u Rwanda, kuhanyura bitabaye ngombwa ko zihahagarara, no kuhahagarara by'igihe gito ziri mu ngendo zitari iz'ubucuruzi, bitabujije ko mu gihe zinyuze mu kirere cy'u Rwanda zishobora gutegekwa kumanuka.

4° all air navigation in Rwanda;

5° all airdromes and airports in Rwanda;

6° all aspects of air transport services and all aerial works in Rwanda;

7° all air routes and air navigation services in Rwanda.

**Article 4: Sovereignty over airspace**

Rwanda has complete and exclusive sovereignty over the airspace above its territory.

**Article 5: Non permanent air flights**

All aircrafts of countries signatory to the Chicago Convention that do not operate permanent international flights shall be permitted to enter the Rwanda air space, fly without landing, land for a short time when they are not commercial flights without excluding the possibility to be forced to land passing through the Rwandan air space.

au Rwanda ;

4° l'ensemble de la navigation aérienne au Rwanda ;

5° tous les aéroports et aérodromes au Rwanda ;

6° tous les aspects de transport aérien de personnes et de biens et toutes autres opérations dans l'espace aérien du Rwanda ;

7° l'ensemble des routes aériennes et l'utilisation des voies aériennes au Rwanda.

**Article 4: Souveraineté sur l'espace aérien**

Le Rwanda a la souveraineté absolue et exclusive sur l'espace aérien au-dessus de son territoire.

**Article 5: Vols aériens non permanents**

Tous les aéronefs appartenant aux pays signataires de la convention de Chicago qui ne font pas de vols internationaux à titre permanent, sont permis d'entrer dans l'espace aérien rwandais, passer sans atterrir, atterrir pour une courte durée pour les vols non commerciaux, sans exclure la possibilité de les obliger à terrir s'ils survolent le territoire rwandais.

Kubera impamvu z'umutekano mu kirere, indege zose zishaka kunyura mu kirere cy'u Rwanda mu duce tutagendwa cyane cyangwa tudafite ibyuma byabugenewe n'inzego zishinzwe iby'ingendo zo mu kirere bihagije, zikurikiza inzira zategetswe cyangwa zikabanza gusaba uruhushya rwihariye.

Iyo izo ndege zikora akazi ko gutwara abagenzi, ibicuruzwa cyangwa inyandiko ku buryo bwishyurwa cyangwa se hakoreshejwe amasezerano y'ubukode bitari muri gahunda yo gukora ingendo mpuzamahanga zihoraho, zifite uburenganzira bwo gushyiramo, gukuramo abagenzi, gupakira, gupakurura ibicuruzwa cyangwa inyandiko, keretse iyo ubuyobozi bw'Ikigo bwabitegetse ukundi.

**<u>Ingingo ya 6:</u> Ingendo zo mu kirere zihoraho**

Indege zose zikora ingendo zo mu kirere ku buryo buhoraho, zigomba kunyura mu kirere cy'u Rwanda ari uko zifite uruhushya rwihariye cyangwa ikindi cyemezo kibigena gitangwa n'ubuyobozi bw'ikigo.

**<u>UMUTWE WA II</u>: AMABWIRIZA AGENGA IBY'INDEGE ZA GISIVIRI**

**<u>Ingingo 7:</u> Amabwiriza ashyirwaho na Minisitiri**

Minisitiri, abigiriwemo inama n'ikigo, afite inshingano n'ububasha byo gushyiraho amabwiriza abona ko ari ngombwa hagamijwe

For air space security reasons, aircrafts which intend to cross the Rwandan air space in less busy areas especially those that are not well equipped with suitable air devices by air services agencies, shall follow strict lines or shall request for prior special authorization.

If such aircrafts are for transportation of passengers, goods or mails on the commercial basis or through a lease without being on the basis of the permanent international flights program, they shall have the right to Board, disembark passengers, load or unload goods or mails, unless the Authority's management provides otherwise.

**<u>Article 6</u>: Permanent air flights**

All aircrafts in permanent air flights shall fly over the Rwandan air space after securing a special authorization or any other document issued by the Authority's management.

**<u>CHAPTER II:</u> REGULATIONS ON CIVIL AVIATION**

**<u>Article 7:</u> Regulations issued by the Minister**

The Minister shall, upon advice by the Authority, have the responsibility and the power to issue regulations he/she considers

Pour des raisons de sécurité dans l'espace aérien, tous les avions qui veulent passer dans l'espace aérien du Rwanda, dans les endroits moins fréquentés et n'ayant pas d'appareils appropriés ou les agences pour les services des vols aériens, suivent des routes aériennes ou demandent une autorisation spéciale.

Lorsque ces avions font le transport de passagers, de marchandises ou des courriers à caractère commercial ou sous un contrat de louage, sans intention d'effectuer des vols internationaux à titre permanent, ils ont le droit d'embarquer, débarquer les passagers, charger, décharger les marchandises ou les courriers, sauf s'il en est décidé autrement par l'administration de l'Office.

**<u>Article 6:</u> Vols aériens permanents**

Tous les aéronefs qui font des vols à titre permanent, qui survolent l'espace aérien rwandais doivent avoir une autorisation spéciale ou un autre document en tenant lieu délivré par l'administration de l'Office.

**<u>CHAPITRE II :</u> REGLEMENTATION DE L'AVIATION CIVILE**

**<u>Article 7:</u> Règlements arrêtés par le Ministre**

Le Ministre, sur avis de l'Office, a le devoir et le pouvoir d'arrêter des règlements qu'il juge nécessaires dans le but de:

ibi bikurikira:

1° gushyira mu bikorwa imigereka ku masezerano Mpuzamahanga mu by'indege za gisiviri yashyiriweho umukono i Chicago ku wa 07 Ukuboza 1944 nk'uko yahinduwe kugeza ubu;

2° kubahiriza ibyo u Rwanda rusabwa n'andi masezerano ruba rufitanye n'ibindi bihugu cyangwa imiryango mpuzamahanga;

3° kubungabunga umutekano w'indege, abantu bazigendamo n'imizigo yabo, mu rwego rwo kwirinda kuba indege zateza impanuka abandi bantu cyangwa imitungo yabo, by'umwihariko guhagarika cyangwa kubuza indege kuguruka ku mpamvu zivuzwe muri iyi ngingo.

Amabwiriza avugwa muri iyi ngingo ashobora gutandukana hakurikijwe urwego rw'indege, ibibuga, abantu n'ibintu cyangwa hakurikijwe impamvu runaka nta vangura rikozwe hagati y'abakoresha indege zanditse mu Rwanda n'abakoresha indege z'inyamahanga.

Minisitiri ashobora kwegurira Umuyobozi Mukuru zimwe mu nshingano ahabwa n'iri tegeko.

necessary aiming at:

1° implementing the annexes to the International Convention on Civil Aviation signed at Chicago on the 07 December 1944 as amended to date;

2° complying with any obligations stipulated in other conventions between Rwanda and other countries and International organizations;

3° ensuring the safety of aircrafts and of passengers on board and their luggage in order to prevent aircrafts from causing damages on other persons and their property, in particular halting or prohibiting aircrafts from flying for reasons referred to in this Article;

Regulations referred to in this Article may be different with respect to different types of aircrafts, airdromes, passengers and their luggage or with respect to certain circumstances without discrimination between passengers aboard aircrafts registered in Rwanda and those aboard international aircrafts;

The Minister may delegate to the Director General any of the responsibilities conferred on him/her by this Law.

1° mettre en exécution les annexes de la Convention Internationale relative à l'Aviation Civile signée à Chicago le 07 décembre 1944 telle que modifiée à ce jour ;

2° respecter les engagements contenus dans d'autres conventions conclues entre le Rwanda et les autres Etats ou organisations internationales;

3° assurer la sécurité des aéronefs, des personnes et de leurs bagages dans le but d'empêcher les aéronefs de mettre en danger d'autres personnes ou leurs biens, en particulier retarder ou interdire le décollage des aéronefs pour les raisons indiquées au présent article;

Les règlements prévus au présent article peuvent être différents selon la catégorie d'aéronefs, d'aérodromes, de personnes, de biens ou selon les circonstances mais sans distinction entre les usagers des aéronefs enregistrés au Rwanda et ceux utilisant les aéronefs internationaux ;

Le Ministre peut déléguer au Directeur Général une part des attributions lui conférées par la présente loi.

**Ingingo ya 8 Amabwiriza ashyirwaho n'Ikigo**

Ikigo gishyiraho kandi kigakurikiza amabwiriza areba abakozi bo mu ndege, indege, ibibuga by'indege yubahiriza ibisabwa ku rwego mpuzamahanga. Aya mabwiriza kandi yubahirizwa na buri wese agenewe.

Ikigo gifite ububasha bwo kugena no kuvugurura igihe bibaye ngombwa**,** amabwiriza ajyanye n'imikoreshereze inoze y'ibyuma byifashishwa mu ngendo zo mu kirere biri mu Rwanda.

Bitabangamiye ibivugwa mu gika kibanziriza iki, Umuyobozi Mukuru ashobora, hakurikijwe amabwiriza n'ubushishozi, kwegurira umukozi, uwikorera ubifitiye ubushobozi, bumwe mu bubasha, imwe mu mirimo cyangwa inshingano ahabwa n'iri tegeko. Umuyobozi Mukuru agomba kureba ko ubwo bubasha cyangwa inshingano bidahawe bene kubikurikiza cyangwa abagenzurwa n'Ikigo.

**Ingingo ya 9: Amabwiriza yo gukumira ikwirakwizwa ry'indwara**

Ikigo gifatanyije n'inzego z'igihugu zishinzwe ubuzima gishyiraho amabwiriza n'ingamba zo gukumira mu buryo bwo kurinda ikwirakwizwa ry'indwara z'ibyorezo n'izindi zanduzanya kandi kikagena uburyo bwo guhana amakuru no

**Article 8: Regulations issued by the Authority**

The Authority shall also issue and implement regulations related to aircrafts members of the crew or aircrafts, airdromes by complying with international standards. The present regulations shall also be respected by any concerned person who is concerned.

The Authority shall also have powers to prescribe and revise when deemed necessary, the regulations regarding the proper use of equipment of air navigation located in Rwanda.

Without prejudice to the preceding Paragraph, the Director General may in accordance with the regulations and his/her discretion, delegate any part of the powers, tasks or responsibilities entrusted to him/her by this Law to any officer or any private competent person. The Director General shall ensure that such powers or responsibilities are not conferred to implementers or to the people under the responsibility of the Authority.

**Article 9: Regulations on prevention of spread of diseases**

The Authority in partnership with other national organs in charge of health shall issue regulations and measures to prevent the spread of epidemic diseases and other transmittable diseases. The Authority shall

**Article 8: Règlements arrêtés par l'Office**

L'Office arrête et applique des règlements concernant le personnel des aéronefs, les aéronefs et les aérodromes dans le respect des standards internationaux. Ces règlements devront également être observés par toute personne concernée.

L'Office a le pouvoir d'arrêter et de mettre à jour en cas de besoin, des règlements pour le bon fonctionnement des équipements de navigation aérienne installés au Rwanda.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa précédent, le Directeur Général peut, conformément aux règlements et sa discrétion, déléguer à un agent ou à un particulier compétent, une partie de ses pouvoirs, certaines des tâches ou attributions lui conférées par la présente loi. Le Directeur Général doit s'assurer que ces pouvoirs ou attributions ne sont pas confiés aux exécutants ou aux personnes sous la responsabilité de l'Office.

**Article 9 : Règlements relatifs à la prévention de la propagation de maladies**

L'Office, en partenariat avec d'autres organes nationaux chargés de la santé, arrête des règlements et des mesures pour la prévention de la propagation de maladies épidémiques et autres maladies transmissibles. L'Office prévoit

gufatanya n'indi miryango irebwa n'amategeko mpuzamahanga ku birebana n'ingamba z'ubuzima n'isuku zifatirwa indege.

also set up the mechanisms of sharing information and collaboration with other organizations concerned with international laws on health and hygiene in the aircraft.

également les mécanismes d'échange d'informations et de collaboration avec d'autres organisations visées par les lois internationales relatives aux mesures à prendre en matière de santé et d'hygiène dans les aéronefs.

**Ingingo ya 10 : Inshingano y'Ikigo yo kumenyekanisha amabwiriza atandukanye n'Amasezerano y'i Chicago**

Ikigo gifite inshingano zo kumenyesha ku buryo bwihuse Umuryango Mpuzamahanga w'iby'indege za gisiviri amabwiriza yose y'u Rwanda ashobora kuba atandukanye n'amabwiriza ateganywa n'amasezerano y' i Chicago kimwe n'imigereka yayo.

**Article 10: Authority's obligation to communicate regulations that differ from the Chicago Convention**

The Authority shall have the obligation to communicate without delay to the International Civil Aviation Organization any national regulations which differ from the Chicago Convention and its annexes.

**Article 10: Obligation de l'Office de communiquer des règlements différents de la Convention de Chicago**

L'Office a l'obligation de communiquer sans délai à l'Organisation Internationale de l'Aviation Civile les règlements nationaux en divergence avec la Convention de Chicago et ses annexes.

**Ingingo ya 11: Gahunda y'Ikigo mu byerekeye umutekano w'indege**

Ikigo gishyiraho gahunda y'umutekano w'indege kugira ngo gishobore kugera ku ntego yacyo yo kubungabunga umutekano mu mikoreshereze y'indege no gutanga serivisi nziza ziyobora indege n'imikoreshereze y'ibibuga.

**Article 11: Authority's aircraft security plan**

The Authority shall set up an aircraft security plan in order to achieve its objective of safety in the operation of aircraft and good service delivery in air traffic and the use of airdromes.

**Article 11: Plan de l'Office en matière de sécurité des aéronefs**

L'Office établit un plan de sécurité visant son objectif d'assurer la sécurité dans l'exploitation des aéronefs et de donner des services de qualité de contrôle de la circulation aérienne et de l'exploitation des aérodromes.

**Ingingo ya 12 : Kwandikisha indege**

Indege ya gisiviri yemerewe gukoreshwa mu Rwanda iyo yanditswe ku buryo bwemewe n'amategeko y'u Rwanda cyangwa ay'ikindi gihugu ikomokamo.

Indege ihabwa ubwenegihugu bw'u Rwanda iyo yanditswe hakurikijwe iri tegeko.

**Article 12: Aircrafts registration**

A civil aircraft shall be permitted to operate in Rwanda if it is duly registered under the Rwandan Laws or under the laws of a foreign country it originates from.

An aircraft shall acquire Rwanda nationality when registered in accordance with this law.

**Article 12: Immatriculation des aéronefs**

Un aéronef civil n'est utilisé au Rwanda que s'il est dûment immatriculé en vertu des lois du Rwanda ou celles d'un pays étranger d'où il provient.

Un aéronef acquiert la nationalité du Rwanda une fois immatriculé en vertu de la présente loi.

Indege yemererwa kwandikwa iyo itanditse mu kindi gihugu kandi ikaba itunzwe na:

1° Leta y'u Rwanda cyangwa kimwe mu bigo byayo;

2° Abanyarwanda cyangwa undi wese utuye mu Rwanda ku buryo bwemewe n'amategeko;

3° ibigo bigengwa n'amategeko y'u Rwanda.

Bisabwe na nyir'indege yujuje ibisabwa kwandikwa, Ikigo kirayandika kigaha nyirayo icyemezo cyo kwandikwa.

**<u>Ingingo ya 13</u>: Ihagarikwa cyangwa ivanwaho ry'icyemezo cyo kwandikwa**

Icyemezo cyatanzwe n'Ikigo gishobora guhagarikwa by'agateganyo cyangwa burundu n'Umuyobozi Mukuru igihe abona ko iryo hagarikwa ry'agateganyo cyangwa burundu riri mu nyungu rusange.

**<u>Ingingo ya 14:</u> Ibyemezo byo kuguruka**

Ikigo gitanga icyemezo cyo kuguruka gishingiye ku bimenyetso bigaraza ko indege yakozwe mu buryo bwubahiriza amabwiriza y'uruganda ruzikora cyangwa igihugu zikorerwamo.

An aircraft shall be eligible for registration if it is not registered in another country and it if it is owned by:

1° the Government of Rwanda or one of its institutions;

2° Rwandans or any other person legally residing in Rwanda;

3° bodies incorporated under the Rwandan laws.

Upon request by the owner of an aircraft who fulfils conditions for registration, the Authority shall register it and issues to the owner a certificate of registration.

**<u>Article 13:</u> Suspension or cancellation of registration certificate**

A certificate issued by the Authority may be suspended or canceled by the Director General if he/she considers that such a suspension or cancellation is in the general interest.

**<u>Article 14:</u> Airworthiness certificates**

The Authority shall issue an airworthiness certificate on the basis of satisfactory evidence that the aircraft complies with the standards set by the manufacturer or by the country in which it was manufactured.

Un aéronef a droit à l'immatriculation lorsqu'il n'est pas immatriculé dans un autre pays et s'il appartient :

1° au Gouvernement du Rwanda ou l'une de ses institutions ;

2° aux citoyens de nationalité rwandaise ou aux personnes résidant légalement au Rwanda;

3° aux établissements régis par la législation du Rwanda.

A la demande du propriétaire d'un aéronef remplissant les conditions requises, cet aéronef est immatriculé par l'Office qui délivre au propriétaire un certificat d'immatriculation.

**<u>Article 13</u> : Suspension ou retrait du certificat d'immatriculation**

Tout certificat délivré par l'Office peut être suspendu ou retiré par le Directeur Général s'il considère qu'une telle suspension ou retrait est dans l'intérêt général.

**<u>Article 14:</u> Certificats de navigabilité**

L'Office délivre un certificat de navigabilité sur base d'une justification satisfaisante de la conformité de l'aéronef aux normes définies par le constructeur ou par le pays de construction.

Nyir'indege yanditswe mu Rwanda ashobora gusaba Ikigo urupapuro rwuzuzwa kugira ngo asabire iyo ndege icyemezo cyo kuguruka.

Iyo Ikigo gisanze indege yujuje ibisabwa kandi kimaze no kuyikorera igenzura kigasanga ishobora kuguruka gitanga icyemezo cyo kuguruka.

Mu cyemezo cyo kuguruka, Ikigo cyandikamo igihe icyo cyemezo kizamara, ubwoko bwa serivisi indege igomba gukoreshwamo n'ibindi bikenewe cyangwa bisabwa, hagamijwe kubahiriza umutekano w'indege n'abantu.

Icyemezo cyo kuguruka gishobora kongererwa igihe hakurikijwe iri tegeko cyangwa amabwiriza yose ajyanye na ryo uretse ko Ikigo kigomba gusaba ko ubuzima bw'indege bukurikiranirirwa hafi hakorwa igenzura rya buri gihe riteganywa n'Ikigo cyangwa se ubundi buryo buhwanye n'iryo genzura.

**<u>Ingingo ya 15:</u> Impushya z'abakozi**

Umuntu wemerewe gukora nk'umukozi wo mu ndege ni ufite uruhushya rwubahiriza iri tegeko n'amabwiriza ajyanye na ryo kandi rugaragaza ubushobozi ruha nyirarwo.

Ikigo cyemerewe gutanga impushya ku bakozi bo mu by'indege za gisiviri zigaragaza

The owner of an aircraft registered in Rwanda may request the Authority a form of application for an airworthiness certificate for such aircraft.

If the Authority considers that the aircraft conforms to the requirements and, after inspection, finds that the aircraft is in good condition for safe operation, it shall issue an airworthiness certificate.

The Authority shall indicate on an airworthiness certificate its duration, the type of service for which the aircraft will be used, and such other conditions or requirements for the safety of the aircraft and passengers.

An airworthiness certificate may be renewed in accordance with this Law or any related Regulations except that the Authority shall require that the continuing airworthiness of the aircraft be monitored by a regular inspection determined by the Authority or any other method similar to such an inspection.

**<u>Article 15:</u> Licenses of personnel**

A crew member of an aircraft shall be the holder of a valid license which complies with the provisions of this Law and related Regulations and specifies the capacity of the holder.

The Authority shall have the power to issue licenses to civil aircraft personnel specifying

Le propriétaire de tout aéronef immatriculé au Rwanda peut demander à l'Office un formulaire de demande de certificat de navigabilité pour cet aéronef.

Si l'Office considère que l'aéronef se conforme aux exigences et, après contrôle, constate que l'aéronef est en bon état de navigabilité, il délivre un certificat de navigabilité.

L'Office inscrit sur le certificat de navigabilité la durée d'un tel certificat, le genre de service pour lequel l'aéronef peut être utilisé et d'autres conditions ou exigences dans l'intérêt de la sécurité de l'aéronef et des personnes.

Le certificat de navigabilité peut être renouvelé dans le respect de la présente loi ou des règlements y relatifs sous réserve que l'Office exige que le maintien de la navigabilité de l'aéronef soit constaté au moyen de vérifications régulières déterminées par l'Office ou tout autre moyen équivalent à ces vérifications.

**<u>Article 15:</u> Permis du personnel**

Est considérée comme membre d'équipage d'un aéronef, toute personne titulaire d'un permis répondant aux dispositions de la présente loi et des règlements y relatifs et qui indique la qualité du détenteur.

L'Office est compétent pour délivrer des permis au personnel des aéronefs civils

ubushobozi bwabo n'ibyo bemerewe gukora bijyanye n'iby'indege.

Iyo Ikigo gisanze, nyuma y'iperereza, uwasabye uruhushya yujuje ibisabwa, kandi akaba afite ubushobozi bwo kuzuza inshingano zijyanye n'umwanya asabira, kimuha uruhushya.

Uruhushya rugaragaza ubushobozi bw'uruhawe n'ibyo yemerewe gukora n'ibindi Ikigo cyabona ko ari ngombwa mu kubahiriza umutekano w'iby'indege za gisiviri.

**<u>Ingingo ya 16:</u> Icyemezo cyo gutwara abantu n'ibintu mu kirere**

Umuntu wemerewe gukora ubucuruzi bwo gutwara abantu n'ibintu mu ndege ni uwabiherewe uruhushya n'Ikigo.

Icyemezo cyo gukora ubucuruzi bwo gutwara abantu n'ibintu gitanga ubureganzira bwo gukora ubwo bucuruzi hakurikijwe amabwiriza abigenga.

Ikigo gifite uburenganzira bwo gutanga ibyemezo by'ubucuruzi mu gutwara abantu n'ibintu mu kirere no gushyiraho amabwiriza agomba gukurikizwa n'abahabwa ibyo byemezo.

Umuntu wese wifuza gukora ubucuruzi mu gutwara abantu n'ibintu mu kirere kandi akaba

the capacity and what they are authorized to do in connection with aviation.

If the Authority finds, after investigation, that an applicant for a license fulfils the conditions, and is able to perform the duties pertaining to the position for which the license is sought, it shall issue such a license.

The license shall specify the capacity and the duties of the holder and other matters as the Authority may consider as necessary to ensure safety of civil aviation.

**<u>Article 16:</u> Air transport services of goods and passengers certificate**

A person who is authorized to carry out commercial air transport services of goods and passengers is one who possesses a valid certificate issued by the Authority.

The commercial air transport services certificate shall authorize the holder to carry out such services in accordance with the relevant regulations.

The Authority shall have the power to issue commercial air transport services certificates and to establish regulations that the holders shall comply with.

Any person who intends to carry out commercial air transport services and who is a

indiquant la capacité des détenteurs ainsi que les tâches qui leur sont assignées en rapport avec l'aviation.

Si l'Office constate, après enquête, qu'un demandeur de permis possède les qualifications requises et est à mesure d'effectuer les fonctions pour lesquelles le permis est demandé, il délivre un tel permis.

Le permis indique la qualité et les fonctions du détenteur ainsi que d'autres éléments que l'Office peut trouver nécessaires pour assurer la sécurité de l'aviation civile.

**<u>Article 16:</u> Permis d'exploitation des services de transport aérien de marchandises et de personnes**

Est autorisé à effectuer les services de transport aérien à caractère commercial, celui qui est en possession d'un permis délivré par l'Office.

Le permis d'exploitation des services de transport aérien à caractère commercial autorise le détenteur à effectuer ces services conformément aux règlements y relatifs.

L'Office est compétent pour délivrer des permis d'exploitation des services de transport aérien à caractère commercial et établir des règlements auxquels les détenteurs de ces permis sont tenus de se conformer.

Toute personne désirant effectuer les services de transport aérien à caractère commercial et qui

ari Umunyarwanda cyangwa Ikigo gikurikiza amategeko y'u Rwanda, ashobora gusaba Ikigo kumuha icyemezo cyo gukora ubwo ubucuruzi.

Iyo Umuyobozi Mukuru abonye ko, nyuma y'iperereza rihagije, umuntu cyangwa ikigo bafite ubushobozi bwo gukora ubwo bucuruzi mu buryo bwubahiriza iri tegeko n'andi mabwiriza ajyanye na ryo, Ikigo giha uwo muntu cyangwa icyo kigo icyemezo cyo gukora ubucuruzi.

**<u>Ingingo ya 17:</u> Amashuri yigisha iby'indege n'ibigo bizikanika**

Ikigo gifite ububasha bwo gusuzuma ubumenyi no gushyira mu byiciro:

1° amashuri atanga ubumenyi mu bijyanye no gutwara indege, kuzikanika n'ibindi bijyanye n'ako kazi kandi afite ibikoresho byujuje ibyangombwa n'abarimu babifitiye ubushobozi hakurikijwe amabwiriza agenga ayo mashuri ;

2° ibigo bikanika indege bifite ibikoresho bihagije n'abakozi bafite ubushobozi bwo gukora muri **i**byo bigo nk'uko bisabwa n'amabwiriza abigenga.

Ikigo gifite kandi ububasha bwo gutanga ibyemezo ku mashuri yigisha iby'indege n'ibigo bikanika indege.

citizen of Rwanda or bodies incorporated under the laws of Rwanda may file with the Authority an application for such certificate.

If the Director General considers, after thorough investigation, that a person or a body has demonstrated the ability to carry out such commercial activities in accordance with the provisions of this Law and related Regulations, the Authority shall issue the certificate to such person or body.

**<u>Article 17:</u> Aviation schools and aircraft maintenance organizations**

The Authority shall have the power to examine the content of the course and to classify:

1° aviation schools, their maintenance, maintenance and other activities relating to such a job, and which have adequate equipment and competent instructors pursuant to the rules governing such schools;

2° aircraft maintenance organizations which have adequate equipment and competent workers as required by the rules governing such organizations.

The Authority shall have also the power to issue certificates for aviation schools and aircraft maintenance organizations.

est de nationalité rwandaise ou un établissement régi par la législation rwandaise peut faire la demande à l'Office pour un tel certificat.

Si le Directeur Général considère, après enquête approfondie, que telle personne ou tel établissement est capable de faire ce commerce selon les dispositions de la présente loi et des règlements y relatifs, l'Office délivre le permis à cette personne ou à cet établissement.

**<u>Article 17:</u> Ecoles d'aviation et entreprises de maintenance d'aéronefs**

L'Office a le pouvoir d'examiner les leçons dispensées et de faire la classification des:

1° écoles d'aviation qui dispensent une formation dans le domaine de pilotage, de maintenance et autres activités relatives à ces métiers et qui ont des équipements appropriés et des instructeurs qualifiés conformément aux règlements régissant ces écoles;

2° entreprises de maintenance d'aéronefs qui ont des équipements appropriés et des instructeurs qualifiés conformément aux règlements qui les régissent.

L'Office a également le pouvoir de délivrer des certificats aux écoles d'aviation et aux entreprises de maintenance des aéronefs.

Mu gutanga ibyemezo ku mashuri yigisha iby'indege cyangwa ibigo bizikanika, Ikigo gikurikiza ubushobozi bw'ayo mashuri cyangwa ibyo bigo mu kubahiriza amabwiriza abigenga.

**Ingingo ya 18: Impapuro abasaba impushya n'ibyemezo buzuza**

Impapuro zuzuzwa n'abasaba impushya cyangwa ibyemezo bitangwa bivugwa mu riri tegeko, zigomba kuba zikubiyemo amakuru y'ibisabwa, ay'usaba uruhushya cyangwa icyemezo, zigashyirwaho umukono na nyirazo kandi zikabikwa n'Ikigo.

**Ingingo ya 19: Guha agaciro ibyangombwa byatanzwe n'ibindi bihugu**

Ikigo gifite ububasha bwo guha agaciro ibyangombwa byatanzwe n'abashinzwe iby'indege za gisiviri mu bindi bihugu kimaze gusuzuma ibi bikurikira:

1° ibyangobwa bijyanye n'impushya z'abakozi bo mu by'indege za gisiviri cyangwa ibyemezo byo kuguruka ku gihugu cyashyize umukono ku masezerano mpuzamahanga y'i Chicago kandi cyubahiriza ibisabwa n'ayo masezerano. Izo mpushya cyangwa ibyemezo bigomba kuba bigifite agaciro;

2° ibyangombwa biteganywa n'itegeko ku bijyanye n'ubucuruzi mu gutwara abantu n'ibintu mu kirere.

To grant certificates to aviation schools or aircraft maintenance organizations, the Authority shall consider the ability of such schools and organizations to respect the rules governing them.

**Article 18: Licenses and certificates application forms**

Application forms for licenses or certificates referred to in this Law shall contain information on the object of applications, signed by the applicant and kept by the Authority.

**Article 19: Validation of licenses and certificates issued by other countries**

The Authority shall have the power to validate licenses and certificates issued by Civil Aviation Authorities of other countries, after verifying the following:

1° personnel licenses or airworthiness certificates for the country signatory to the Chicago Convention and which comply with such Convention. Such licenses or certificates shall still be valid;

2° documents provided for by the Law for commercial air transport services.

Pour accorder les certificats aux écoles d'aviation ou aux entreprises de maintenance, l'Office considère la capacité desdites écoles ou entreprises de satisfaire aux règlements qui les régissent.

**Article 18: Formulaires de demande de permis et de certificats**

Les demandes de permis ou de certificats prévus dans la présente loi contiennent les informations sur l'objet de la demande et le demandeur. Elles sont signées par le demandeur et conservées par l'Office.

**Article 19: Validation de permis et certificats délivrés par d'autres pays**

L'Office a le pouvoir de valider les permis et certificats délivrés par les autorités d'Aviation Civile d'autres pays, après vérification de ce qui suit :

1° les permis du personnel d'aviation civile ou les certificats de navigabilité pour tout Etat signataire de la Convention de Chicago qui se conforme aux dispositions de la ladite Convention. Ces permis ou certificats doivent être encore valides ;

2° les documents prévus par la loi pour les services de transport aérien à caractère commercial.

**Ingingo ya 20: Ububasha bwo gukora igenzura**

Ikigo gifite ububasha busesuye bwo kugenzura indege zose za gisiviri aho zikorera hose mu Rwanda, hagamijwe kureba neza ko izo ndege zikwiriye kujya mu kirere kandi ko zikora mu buryo butanyuranije n'iri tegeko, amabwiriza ajyana na ryo, cyangwa amabwiriza akubiye mu migereka ku masezerano y'i Chicago.

Ikigo gifite kandi ububasha busesuye bwo kugenzura indege zose za gisiviri zanditse mu Rwanda aho zikorera hose ku isi, hagamijwe gukurikirana uko izo ndege zigenda mu kirere n'uburyo zikora bitanyuranyije n'iri tegeko, amabwiriza ajyana na ryo cyangwa amabwiriza akubiye mu migereka ku masezerano y'i Chicago.

Ikigo gifite ububasha busesuye bwo kugenzura abakora ubucuruzi mu gutwara abantu n'ibintu mu kirere mu Rwanda aho ari ho hose n'igihe icyo ari cyo cyose kandi gifite ububasha bwo kugenzura amadosiye yose akoreshwa muri ubwo bucuruzi, hagamijwe kureba ko bwubahiriza amategeko abugenga cyangwa amabwiriza akubiye mu migereka ku masezerano y'i Chicago.

**Ingingo ya 21: Kubuza indege kuguruka**

Ikigo gifite ububasha bwo kubuza nyir'indege cyangwa umupilote w'indege ya gisiviri

**Article 20: Power of inspection**

The Authority shall have full powers to inspect all civil aircrafts without restriction wherever they operate within Rwanda for the purposes of ensuring that they are airworthy and that they operate in accordance with this Law, related regulations or regulations provided for in annexes to the Chicago Convention.

The Authority shall also have full powers to inspect all civil aircrafts registered in Rwanda without restriction wherever they operate in the world for the purposes of ensuring that they are airworthy and that they operate in accordance with this Law, related regulations, or regulations provided for in annexes to the Chicago Convention.

The Authority shall have full powers to monitor persons who conduct commercial air transport services in Rwanda wherever and whenever and it shall have also the powers to access any documents related to such services in order to ensure that such commercial services are conducted in accordance with applicable Laws or Regulations provided for in annexes to the Chicago Convention.

**Article 21: Preventing an aircraft from flying**

The Authority shall have powers to prevent a civil aircraft owner or pilot from flying the

**Article 20: Pouvoir d'inspection**

L'Office a le plein pouvoir de contrôler tous les aéronefs civils, quel que soit leur lieu d'exploitation au Rwanda, afin de s'assurer de leur navigabilité et de leur exploitation conformément à la présente loi, aux règlements y relatifs ou aux règlements contenus dans les annexes de la Convention de Chicago.

L'Office a le plein pouvoir de contrôler tous les aéronefs civils immatriculés au Rwanda, quel que soit leur lieu d'exploitation dans le monde, afin de s'assurer de leur navigabilité et leur exploitation conformément à la présente loi, aux règlements y relatifs ou aux règlements contenus dans les annexes de la Convention de Chicago.

L'Office a le plein pouvoir de contrôler à tout moment et en tout lieu les opérateurs de service de transport aérien à caractère commercial et celui d'examiner tous les documents utilisés dans ce commerce afin de s'assurer qu'il est conforme aux lois en la matière ou aux règlements contenus dans les annexes à la Convention de Chicago.

**Article 21: Interdire un aéronef de voler**

L'Office a le pouvoir d'interdire le propriétaire ou le pilote d'un aéronef civil de décoller dans

kuyihagutsa igihe:

1° indege idakwiye kugenda mu kirere kubera ikibazo cya tekiniki;
2° umupilote atabifitiye ubushobozi, afite uburwayi bwo ku mubiri cyangwa mu mutwe bwemejwe n'umuganga wemewe na Leta;
3° kugurutsa indege byateza impanuka ku bantu cyangwa ibintu ku butaka.

Amabwiriza ateganywa n'iri tegeko ashobora gutegeka ifungwa ry'indege mu rwego rwo kubahiriza iri tegeko n'amabwiriza ajyana na ryo no gukora andi mabwiriza Minisitiri abona ko ari ngombwa cyangwa akenewe mu gufunga iyo ndege.

**<u>Ingingo ya 22:</u> Gutwara ibicuruzwa byateza impanuka mu ndege**

Ikigo gikurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amabwiriza ateganywa n'umugereka wa 18 ku masezerano mpuzamahanga y'i Chicago kimwe n'andi mabwiriza agenga ubwikorezi bw'ibicuruzwa bishobora guteza impanuka y'indege ateganywa n'umuryango mpuzamahanga mu by'indege za Gisiviri kandi Ikigo kimenyesha uwo muryango iyo mu Rwanda hari ibinyuranyije n'ayo mabwiriza igihe bibaye ngombwa.

aircraft when:

1° the aircraft is not airworthy due to a technical problem;
2° the pilot is not qualified, if he/she is physically or mentally incapable as ascertained by an authorized medical doctor;
3° flying such an aircraft would cause danger to persons or property on the ground.

Regulations provided for by this Law may order the detention of an aircraft to secure compliance with this Law and related regulations and to draft other regulations the Minister may consider necessary or expedient for the detention of such an aircraft.

**<u>Article 22:</u> Transportation of goods that may cause a plane accident**

The Authority shall monitor compliance with the provisions of Annex 18 to the Chicago Convention and other International Civil Aviation Organization regulations governing transportation of goods that may cause a plane accident, and the Authority shall inform the organization of the existence of different regulations in Rwanda, if necessary.

les situations où :

1° l'aéronef n'est pas en état de navigabilité suite au problème technique ;
2° le pilote n'est pas qualifié, présente une inaptitude physique ou mentale attestée par un médecin agréé par le Gouvernement;
3° le vol peut causer un danger aux personnes ou aux propriétés sur terre.

Les règlements édictés en vertu de la présente loi peuvent stipuler l'immobilisation d'un aéronef aux fins de conformité à la présente loi et aux règlements y relatifs et de prévoir toutes autres dispositions que le Ministre peut estimer nécessaires ou utiles aux fins d'immobilisation de cet aéronef.

**<u>Article 22:</u> Transport de marchandises susceptibles de causer un accident à l'aéronef**

L'Office contrôle la conformité aux dispositions de l'annexe 18 de la Convention de Chicago et à d'autres règlements relatifs au transport des marchandises susceptibles de causer un accident à l'aéronef prévus par l'Organisation Internationale de l'Aviation Civile et, en cas de besoin, l'Office communique à cette organisation de l'existence au Rwanda des règlements divergeant avec ceux de cette Organisation.

**Ingingo ya 23: Inshingano za ba nyir'indege n'abakozi bo mu by'indege**

Nyir'indege afite inshingano zo gukurikirana ubuzima bw'indege n'ibindi bikoresho bikenerwa ku ndege kandi agakoresha iyo ndege cyangwa ibyo bikoresho mu buryo bwuhahiriza iri tegeko n'andi mabwiriza ajyanye na ryo atangwa na Minisitiri cyangwa Ikigo.

Umuntu wese ufite uruhushya rwo gukora mu by'indege afite inshingano zo kubahiriza no gukurikiza ububasha ahabwa n'urwo ruhushya nk'uko bigenwa n'iri tegeko kimwe n'amabwiriza ajyanye na ryo.

Umuntu wese ufite ibyo akora bijyanye n'iby'indege za gisiviri afite inshingano zo kubahiriza no gukurikiza ibisabwa muri iri tegeko kimwe n'amabwiriza ajyanye na ryo igihe akora imirimo ashinzwe.

Umuntu wese utanga cyangwa wemera gutwara imizigo yinjira cyangwa isohoka mu Rwanda cyangwa hagati mu gihugu afite inshingano yo gutanga cyangwa gutwara iyo mizigo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

**Article 23: Obligations of owners and aircrafts personnel**

The owner of the aircraft shall have the obligation to ensure the maintenance of the aircraft and other aviation equipment and shall use such an aircraft or equipment in accordance with this law and other related regulations issued by the Minister or the Authority.

Any person who is licensed to work in aircraft related activities shall have the obligation to observe and comply with the capacity conferred to her/him by that license, as provided for by this Law and related regulations.

Any person involved in aircraft related activities shall observe and comply with the requirements of this Law and related regulations while performing his/her duties.

Any person sending or who accepts to carry luggage in or outside Rwanda or within the country shall have the obligation to send or carry such luggage in accordance with provisions of this Law.

**Article 23: Obligations des propriétaires et du personnel d'aéronefs**

Chaque propriétaire a l'obligation de faire l'entretien de l'aéronef et de tout équipement d'aviation et d'en assurer l'usage conformément à la présente loi et aux autres règlements y relatifs arrêtés par le Ministre ou l'Office.

Le détenteur d'un permis a le l'obligation d'observer et de se conformer aux stipulations de ce permis, telles que prévues par la présente loi et des règlements y relatifs.

Toute personne impliquée dans les activités d'aviation civile a l'obligation de se conformer aux exigences de la présente loi et aux règlements y relatifs lorsqu'il exerce ses fonctions.

Toute personne embarquant ou acceptant de transporter les bagages à destination ou en provenance du Rwanda ou à l'intérieur du Rwanda a le devoir de les embarquer ou de les transporter dans les conditions prévues par la présente loi.

**Ingingo ya 24: Kuvugurura, guhindura, guhagarika by'agateganyo cyangwa burundu impushya n'ibyemezo**

Ikigo gishobora, bibaye ngombwa, kujya kugenzura, gusuzuma indege n'ibyuma byazo, amashuri yigisha iby'indege, ibigo bikanika indege, abakozi bo mu ndege n'abandi bose bafite impushya zo gukora akazi kajyanye n'iby'indege.

Iyo, nyuma yo kongera kugenzura cyangwa gusuzuma, cyangwa nyuma y'iperereza runaka ryakozwe n'Ikigo, bigaragaye ko ari ngombwa kubera impamvu z'umutekano w'indege mu bwikorezi bwo mu kirere, Ikigo gishobora gushyiraho amabwiriza ahindura cyangwa ahagarika by'agateganyo cyangwa burundu icyemezo cyo kuguruka, impushya z'abakozi bakora mu by'indege, icyemezo cyo gukora ubucuruzi mu gutwara abantu n'ibintu mu kirere cyangwa ibindi byemezo biteganywa n'iri tegeko.

Mbere yo guhindura cyangwa guhagarika by'agateganyo cyangwa guhagarika burundu ibyemezo n'impushya bivugwa mu gika kibanziriza iki, Ikigo kimenyesha ba nyirabyo impamvu shingiro kugira ngo icyo cyemezo gifatwe kandi giha abarebwa na cyo umwanya wo gutanga ibisobanuro bishobora kukivuguruza, keretse igihe byihutirwa.

**Article 24: Renewal, modification, suspension or cancellation of licenses and certificates**

The Authority may, if considered necessary, inspect or re-examine aircrafts and their equipment, aviation schools, aircraft maintenance organizations, crew members and any other aviation personnel holding a license.

If, after such re-inspection or re-examination, or after any other investigation conducted by the Authority, it is deemed necessary for the safety of the aircraft in navigation, the Authority may issue regulations modifying, suspending or revoking any airworthiness certificate, license of personnel of the aircrafts, certificate for commercial air transport services or any other certificate provided for by this Law.

Prior to modifying or suspending or revoking any of the licenses and certificates referred to in the preceding paragraph, the Authority shall inform the holders thereof as to the main reasons of such decision and shall give an opportunity to the concerned persons to provide explanations likely to challenge the decision, except in case of emergency.

**Article 24 : Renouvellement, modification, suspension ou révocation des permis et des certificats**

L'Office peut, s'il le juge nécessaire, faire l'inspection des aéronefs et de leur équipement, des écoles d'aviation, des entreprises d'entretien des aéronefs, des membres d'équipage et de tout autre personnel d'aviation détenteur d'un permis.

Si, après une nouvelle inspection ou contrôle, ou si, à la suite de n'importe quelle autre enquête menée par l'Office, il s'avère nécessaire pour la sécurité de l'aéronef dans la navigation aérienne, l'Office peut arrêter des règlements modifiant ou suspendant provisoirement ou retirant tout certificat de navigabilité, permis du personnel, certificat pour les services de transport aérien à caractère commercial ou tout autre certificat prévu par la présente loi.

Avant de modifier ou de suspendre provisoirement ou retirer n'importe lequel des permis et certificats mentionnés à l'alinéa précédent, l'Office informe les détenteurs quant aux raisons principales qui motivent la prise de cette décision et donne aux concernés l'occasion de faire valoir les arguments contraires, sauf en cas d'urgence.

**Ingingo ya 25: Komite y'ubujurire**

Hashyirwaho komite y'ubujurire ikaba ari urwego umuntu wese utishimiye icyemezo cyafashwe n'Ikigo nk'uko bivugwa mu ngingo ibanziriza iyi ashobora kujuririra.

Iteka rya Minisitiri rigena imiterere n'imikorere by'iyo Komite.

**Ingingo ya 26: Ibibujijwe**

Nta muntu wemerewe:

1° gukoresha indege ya gisiviri idafite icyemezo cyo kuguruka cyangwa mu buryo bwica amabwiriza agenga imikoreshereze y'icyo cyemezo;

2° gukora akazi kajyanye n'iby'indege za gisiviri adafite uruhushya rubimwemerera cyangwa mu buryo bwica amabwiriza yubahiriza iri tegeko ;

3° guha akazi umuntu mu bijyanye n'iby'indege za gisiviri adafite uruhushya rumwemerera gukora ako kazi;

4° gukora ubucuruzi mu gutwara abantu n'ibintu mu kirere adafite icyemezo cyangwa kugikoresha mu buryo bwica amabwiriza agenga uko icyo cyemezo gikoreshwa;

5° gukoresha indege za gisiviri mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa

**Article 25: Appeal Committee**

There shall be established an Appeal Committee which shall be a body to which a person who is not satisfied with a decision taken by the Authority as stipulated in the preceding Article may appeal.

A Ministerial Order shall determine the organization and functioning of that Committee.

**Article 26: Prohibitions**

No person shall be permitted to:

1° operate any civil aircraft without airworthiness certificate, or in violation of the terms of such certificate;

2° serve in any capacity as a civil aviation personnel without a license or in violation of regulations implementing this Law;

3° employ in civil aviation any person who does not have a license;

4° carry out commercial air transport services without a certificate or use such a certificate in ways that violate its provisions;

5° operate civil aviation in violation of the laws or certificate issued in accordance

**Article 25 : Comité d'appel**

Il sera établi un Comité d'appel qui est un organe auquel une personne lésée par une décision prise par l'Office en vertu de l'article précédent peut faire appel.

Un arrêté ministériel détermine l'organisation et le fonctionnement de ce Comité.

**Article 26: Restrictions**

Il est interdit à toute personne de:

1° utiliser un aéronef civil sans certificat de navigabilité, ou en violation des termes d'un tel certificat;

2° exercer n'importe quelle fonction en tant que personnel d'aviation civile sans permis ou en violation des règlements d'application de la présente loi ;

3° employer dans l'aviation civile une personne qui n'a pas de permis;

4° effectuer les services de transport aérien à caractère commercial sans permis ou utiliser un tel permis en violation de ses dispositions;

5° exploiter l'aviation civile en violation des lois ou des termes de permis délivré en

icyemezo cyatanzwe hakurikijwe iri tegeko **;**

6° kwica amabwiriza ayo ari yo yose ajyanye n'iri tegeko, ku muntu ufite impamyabushobozi yahawe n'ishuri ryigisha iby'indege cyangwa ibigo bikanika indege.

Hakurikijwe amabwiriza agenwa n'Ikigo kubera inyungu rusange, Ikigo gishobora kudakurikiza ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ku ndege z'amahanga n'abakozi bazo. Icyakora izo ndege cyangwa abakozi bazo bagomba kubahiriza amabwiriza agenga imikoreshereze y'ikirere.

**Ingingo ya 27: Itangwa rya serivisi zo mu kirere**

Ikigo gitanga serivisi zijyanye n'imikoreshereze y'ikirere cy'u Rwanda n'ahandi hose hanze y'ikirere cy'u Rwanda hakurikijwe amasezerano mpuzamahanga mu gutanga izo serivisi muri icyo kirere.

Serivisi zo mu kirere zikubiyemo:

1° itumanaho rikorerwa ku butaka no mu kirere, rigenewe kubungabunga umutekano w'indege;
2° ibikoreshwa biyobora indege byose nka radiyo, radari, ibyogajuru n'ibikoresho by'urumuri;
3° serivisi iyobora indege mu kirere kugira ngo

with this Law;

6° violate any regulations related to this Law while holding a certificate issued by an aviation school or aircraft maintenance organization.

Pursuant to regulations prescribed by the Authority in the public interest, the Authority may exempt foreign aircrafts and their crew members from the provisions of paragraph one of this article. However, such aircrafts or personnel shall comply with air traffic regulations.

**Article 27: Providing the air navigation services**

The Authority shall provide air navigation services in Rwanda airspace and in any area outside of Rwanda airspace in accordance with international conventions applicable to the provision of services in such airspace.

Air navigation services include:

1° communication services on ground and in space meant for the safety of the aircrafts;
2° equipment for navigation services including radio, radar, satellite and visual aids to navigation;
3° air traffic service provided for the safety

vertu de la présente loi ;

6° violer n'importe quel règlement arrêté en vertu de la présente loi tout en étant détenteur d'un certificat délivré par une école d'aviation ou par une entreprise d'entretien des aéronefs.

Conformément aux règlements prescrits par l'Office dans l'intérêt général, l'Office peut dispenser aux aéronefs étrangers et leur personnel des conditions prévues au premier alinéa du présent article. Toutefois, lesdits aéronefs et leur personnel doivent observer les règlements de trafic aérien.

**Article 27: Fourniture des services de navigation aérienne**

L'Office fournit les services de navigation aérienne dans l'espace aérien du Rwanda et dans tout espace hors de l'espace aérien du Rwanda conformément aux accords internationaux relatifs aux services de navigation aérienne dans cet espace.

Les services de navigation aérienne comprennent:

1° les services de communication sol-air fournis aux fins d'assurer la sécurité des aéronefs ;
2° les services de navigation y compris les systèmes radio, radar, satellite et les aides visuelles à la navigation ;
3° le service de trafic aérien fourni aux fins

indege zitagira ibibazo;

4° iteganyagihe ritangwa hagamijwe kubungabunga umutekano w'indege mu kirere.

**<u>Ingingo ya 28</u> : Serivisi z'ubutabazi mu by'indege**

Ikigo kiyobora kikanahuza ibikorwa by'ubutabazi bijyanye n'iby'indege mu Rwanda, gishyiraho ubufatanye n'izindi nzego za Leta kandi cyemerewe gusinyana amasezerano n'ibindi bigo bya Leta cyangwa ibyigenga ajyanye n'ubwo butabazi.

Serivisi zose za Leta zirebwa n'ubutabazi zishyira mu bikorwa amabwiriza atangwa na Minisitiri zigafata ibyemezo mu korohereza uko bishoboka, iyinjira ryihuse n'iry'agateganyo ry'abakozi mu by'ubutabazi n'ibikoresho byabo bavuye mu bindi bihugu igihe bisabwe n'Ikigo.

**<u>Ingingo ya 29:</u> Serivisi itanga amakuru mu by'indege**

Ikigo gitanga serivisi y'amakuru mu by'indege ijyanye no gukusanya no gukwirakwiza amakuru y'ubumenyi bw'iby'indege n'amabwiriza ajyanye na bwo.

of the aircrafts;

4° meteorological services to ensure the safety of the aircraft in space.

**<u>Article 28:</u> Air assistance and rescue services**

The Authority shall preside and coordinate air assistance and rescue services in Rwanda, shall establish partnership with other Government organs and shall be authorized to enter into agreements with other Government or private agencies related to such assistance and rescue services.

All Government agencies involved in assistance and rescue services shall implement the regulations issued by the Minister and take measures to facilitate, as far as possible, the immediate and temporary entry of assistance and rescue personnel and their equipment from other States upon request by the Authority.

**<u>Article 29:</u> Aeronautical information service**

The Authority shall provide an aeronautical information service, which shall comprise the collection and dissemination of aeronautical information and instructions as well as related regulations.

d'assurer la sécurité des aéronefs;

4° les services météorologiques fournis aux fins d'assurer la sécurité des vols.

**<u>Article 28</u> : Services de secours et de sauvetage aériens**

L'Office dirige et coordonne les services de secours et de sauvetages aériens, établit un partenariat avec d'autres services publics et est autorisé à conclure des accords dans le domaine de secours et de sauvetage avec des agences publiques ou privées.

Tous les services publics impliqués dans l'assistance et le sauvetage appliquent les règlements édictés par le Ministre et adoptent des mesures destinées à faciliter autant que possible l'accès immédiat et temporaire du personnel d'assistance et de sauvetage et de leur matériel en provenance d'autres Etats sur demande de l'Office.

**<u>Article 29</u>: Service d'information aéronautique**

L'Office fournit le service d'information aéronautique, lequel comprend la collecte et la diffusion d'informations et d'instructions aéronautiques ainsi que des règlements y relatifs.

Mu gutanga amakuru ku bumenyi bw'iby'indege, Ikigo gitegura igitabo cy'igihugu gishinzwe gutangazwamo amakuru ajyanye n'iby'indege.

Ikigo gitangaza kandi amabwiriza agenewe abatwara indege.

Ikigo gishyikiriza umuryango mpuzamahanga ushinzwe iby'indege za gisiviri kopi y'igitabo n'amabwiriza bivugwa mu gika cya 2 n'icya 3 by'iyi ngingo.

Ikigo gishobora kandi kwandika amabwiriza anyuranye arebana n'iby'indege nko gutanga impushya, gufata neza indege za gisiviri, amakuru ku byerekeye ubumenyi bw'iby'indege n'amatangazo ku byerekeye ubuzima bw'indege.

**<u>Ingingo ya 30:</u> Iperereza ku mpanuka z'indege za gisiviri**

Minisitiri afite inshingano n'ububasha byo gukora iperereza ku mpanuka zabaye ku ndege za gisiviri cyangwa ibindi bibazo zahura na byo.

**<u>Ingingo ya 31:</u> Inshingano z'Ikigo ku rwego mpuzamahanga**

Ikigo ni cyo gihagararira u Rwanda mu birebana n'iby'indege.

In providing the aeronautical information, the Authority shall publish a national aeronautical information publication.

The Authority shall also publish regulations relating to pilots.

The Authority shall submit to the International Civil Aviation Organization copies of Rwanda Aeronautical Information Publication and of regulations relating to the pilots referred to in paragraphs 2 and 3 of this Article.

The Authority may also issue various regulations relating to aviation such as granting of licenses, maintenance of civil aircrafts, aeronautical information and publications related to the airworthiness of aircrafts.

**<u>Article 30:</u> Investigations on civil plane crash**

The Minister shall be responsible for and is vested with the power to investigate civil plane crash and other incidents.

**<u>Article 31:</u> Authority's international responsibilities**

The Authority shall represent Rwanda in aviation matters.

Aux fins de fournir des informations aéronautiques, l'Office élabore une publication officielle destinée aux informations aéronautiques du Rwanda.

L'Office publie également des directives propres aux pilotes.

L'Office donne à l'Organisation Internationale de l'Aviation Civile copies de la publication d'information aéronautique du Rwanda et les règlements propres aux pilotes prévus aux alinéas 2 et 3 du présent article.

L'Office peut également publier diverses informations portant sur l'aviation tels que l'octroi des permis, la maintenance des aéronefs civils, les informations relatives aux instructions aéronautiques et les publications relatives à la navigabilité des aéronefs.

**<u>Article 30:</u> Enquêtes sur les accidents d'aéronefs civils**

Le Ministre est responsable et est investi du pouvoir d'enquêter sur les accidents et autres incidents des aéronefs civils.

**<u>Article 31:</u> Attributions de l'Office au niveau international**

L'Office représente le Rwanda en matière d'aviation.

Ikigo gifite inshingano zikurikira:

1° gushyiraho ingamba ku bijyanye n'indege za gisiviri;

2° gutanga uburenganzira bwo gukora ubucuruzi mu gutwara abantu n'ibintu mu kirere;

3° gushyiraho no kuvugurura amasezerano kuri serivisi mpuzamahanga z'iby'indege.

Mu kuzuza inshingano zacyo, Ikigo cyubahiriza ibyo u Rwanda rusabwa n'amasezerano mpuzamahanga y'i Chicago n'andi masezerano u Rwanda ruba rufitanye n'ibindi bihugu ajyanye n'umutekano w'indege mu kirere cyangwa mu gutwara abantu n'ibintu mu kirere.

Ikigo kigira inama kandi kigafasha Leta mu mishyikirano igirana n'ibindi bihugu ku birebana na serivisi z'ingendo mpuzamahanga z'indege zikoresha ibibuga by'indege mu Rwanda n'izinyura mu kirere cy'u Rwanda.

## <u>UMUTWE WA III</u>: IBIBUGA BY'INDEGE

### <u>Ingingo ya 32:</u> Ishyirwaho ry'ibibuga by'indege

Mu kugena amabwiriza n'uburyo bijyanye n'aho kubaka ibibuga no kubifata neza, umutekano wabyo kimwe n'imikoreshereze yabyo, Ikigo gikorana na:

The Authority shall have the following responsibilities:

1° elaborate strategies related to civil aviation;

2° issue licenses for commercial air transport services;

3° conclude and review international air services agreements.

In the fulfillment of its responsibilities, the Authority shall respect the Chicago International Convention and other agreements between Rwanda and other countries related to the safety of aircrafts or the safety of air transport services.

The Authority shall advise and assist the Government in its negotiations with other countries in regard to international air services using Rwanda airdromes and those overflying Rwanda airspace.

## <u>CHAPTER III</u>: AIRDROMES

### <u>Article 32:</u> Establishment of airdromes

The Authority, in designing regulations and procedures with regard to the location and maintenance of airdromes, their security and their use, shall collaborate with :

L'Office a les attributions suivantes :

1° élaborer les stratégies concernant l'aviation civile ;

2° délivrer les permis pour les services de transport aérien à caractère commercial;

3° conclure et modifier les accords de services aériens internationaux.

Dans l'accomplissement de ses attributions, l'Office doit se conformer à la Convention Internationale de Chicago et à toute autre convention conclue entre le Rwanda et les autres pays en matière de sécurité des aéronefs ou de sécurité des services de transport aérien.

L'Office conseille et assiste le Gouvernement dans ses négociations avec d'autres pays en matière de services aériens internationaux utilisant les aérodromes du Rwanda et ceux qui survolent l'espace aérien du Rwanda.

## <u>CHAPTRE III</u> : AERODROMES

### <u>Article 32:</u> Mise en place d'aérodromes

L'Office, dans la formulation des règles et procédures concernant la localisation et la maintenance des aérodromes, leur sécurité et leur exploitation, collabore avec :

1° abayobozi b'inzego z'ibanze bo mu Karere ikibuga cyangwa ibice byacyo biherereyemo;

2° abandi bayobozi b'ibanze bayobora ibice bituranye n'icyo kibuga cy'indege;

3° indi miryango ihagarariye inyungu z'abantu bafite ibyo bahuriyeho n'ako gace icyo kibuga giherereyemo.

**Ingingo ya 33: Gutanga ibyemezo ku bibuga by'indege**

Ikigo gifite ububasha bwo gutanga ibyemezo ku bibuga by'indege mpuzamahanga no gushyiraho amabwiriza agenga imikoreshereze y'ibyo bibuga by'indege.

Umuntu wese wifuza gushinga ikibuga cy'indege kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo asaba icyemezo cyo gukoresha icyo kibuga nk'uko biteganywa n'amategeko.

Iyo Ikigo kibonye, nyuma y'iperereza, ko uwo muntu afite ibikoresho bihagije kandi ashoboye gukora ibikorwa byubahirije ibisabwa n'iri tegeko n'amabwiriza ajyanye na ryo kimuha icyemezo cyo gukoresha icyo kibuga cy'indege.

Icyemezo cyose cyo gukoresha ikibuga cy'indege kigena amabwiriza agenga imikoreshereze y'icyo kibuga mu rwego rwo kubungabunga umutekano wo gutwara abantu n'ibintu mu kirere.

1° local authorities of the District where the airdrome or its parts is located;

2° other local authorities whose areas are in the neighborhood of the airdrome;

3° other organizations representing the interests of persons concerned with the locality in which the airdrome is located.

**Article 33: Issuance of airdrome certificates**

The Authority shall have the power to issue international airdromes certificates and to establish safety standards for the use of such airdromes.

Any person who intends to establish an airdrome that is described in paragraph one of this article is required to file an application for an airdrome operating certificate in accordance with laws.

If the Authority considers after investigation, that such a person is properly and adequately equipped and able to carry out operations in accordance with the requirements of this law and related regulations, it shall issue a certificate to operate such an airdrome.

Any airdrome operating certificate shall prescribe conditions related to the use of that airdrome in order to ensure safety in air transport services.

1° les autorités du District où l'aérodrome ou ses parties sont situés ;

2° les autres autorités locales des zones qui se trouvent à proximité de l'aérodrome ;

3° les autres organisations représentant les intérêts de personnes concernées par l'emplacement de l'aérodrome.

**Article 33: Délivrer des certificats d'aérodromes**

L'Office a le pouvoir de délivrer des certificats d'aérodromes internationaux et d'établir des normes de sécurité d'exploitation de ces aérodromes.

Toute personne qui désire mettre en place un aérodrome décrit à l'alinéa premier du présent article fait la demande de certificat d'exploitation de cet aérodrome conformément aux lois.

Si l'Office trouve, après enquête que cette personne a un équipement approprié et adéquat et est capable de mener des actions selon les exigences de la présente loi et des règlements y relatifs, il délivre un certificat d'exploitation de cet aérodrome.

Tout certificat d'exploitation d'aérodrome détermine les conditions d'utilisation de cet aérodrome qui sont nécessaires pour assurer la sécurité des services de transport aérien.

**Ingingo ya 34: Serivisi za gasutamo n'iz'abinjira n'abasohoka**

Ikigo gikora ku buryo cyorohereza ibigo bya Leta bitanga serivisi za gasutamo n'iz'abinjira n'abasohoka ku kibuga kibibonera aho bikorera cyangwa ibikoresho.

Ikigo kigomba kugirana amasezerano n'ibyo bigo bya Leta ajyanye n'ibikoresho cyangwa serivisi bikenera.

**Ingingo ya 35: Ikoreshwa ry'ibibuga**

Ibibuga by'indege, ibikoresho by'itumanaho n'ibindi bikoresho by'Ikigo, bigenzurwa na cyo, byemerewe gukoreshwa n'indege za gisiviri. Ibibazo byose bishobora kuvuka mu ikoreshwa ry'ibyo bibuga n'iry'ibikoresho, bireba nyir'indege wenyine.

**Ingingo ya 36: Ububasha bwo gufata icyemezo**

Ikigo gifite ububasha bwo gufata ibyemezo mu rwego rw'amategeko igihe bibaye ngombwa kugira ngo amabwiriza yose yashyizweho agendanye n'iri tegeko ashyirwe mu bikorwa.

**Ingingo ya 37: Ubusonerwe**

Minisitiri ashobora gusonera umuntu wese,

**Article 34: Customs and immigration and emigration services**

The Authority shall ensure that suitable facilities are made available to the relevant Government institutions in charge of customs and immigration and emigration services.

The Authority shall conclude agreements with such Government institutions in relation to the facilities and services as may be required.

**Article 35: Use of airdromes**

Airdromes, aeronautical communication equipment and other authority's facilities under its control shall be permitted to be used by civil aircrafts. The use of those airdromes and facilities is entirely at the risk of the owner of the concerned aircraft.

**Article 36: Decision making power**

The Authority shall have the power to take legal decisions if considered necessary to ensure the implementation of the regulations provided for in accordance with this Law.

**Article 37: Exemption**

The Minister may exempt any person, aircraft,

**Article 34: Services de douane et ceux d'immigration et d'émigration**

L'Office fait en sorte que les institutions publiques chargées des services douaniers et ceux d'immigration et d'émigration disposent à l'aéroport d'installations appropriées pour leur fonctionnement.

L'Office est tenu de conclure des accords avec ces institutions publiques relatifs aux facilités et services leur accordés.

**Article 35: Utilisation des aérodromes**

Les aérodromes, stations de communication aéronautique et autres installations appartenant à l'Office, placés sous son contrôle, sont autorisés à être utilisés par les aéronefs civils. Les risques liés à l'utilisation de ces aérodromes et installations sont entièrement de la responsabilité du propriétaire de l'aéronef concerné.

**Article 36: Pouvoir de prendre des décisions**

L'Office a le pouvoir de prendre des décisions juridiques en cas de nécessité en vue de la mise en application des règlements édictés conformément à la présente loi.

**Article 37: Dispense**

Le Ministre peut dispenser toute personne, tout

indege, ikibuga, serivisi cyangwa ibindi bikorwa by'indege, kutagengwa n'amabwiriza agenwa n'iri tegeko, iyo gutanga ubwo burenganzira biri mu nyungu rusange kandi bikaba bitabangamiye umutekano w'iby'indege.

**Ingingo ya 38: Kubazwa ibyangiritse**

Iyo hagize ikintu cyangirika cyangwa umuntu ukomereka ari ku butaka cyangwa ku mazi bitewe n'ikintu cyangwa umuntu uhanutse mu ndege iri mu kirere, mu gihe ifata ikirere, cyangwa igwa, icyo gihe, ibyangiritse byishyurwa nta kindi kimenyetso kirinze gusabwa. Ibyangiritse byishyurwa hakurikijwe ingano yabyo.

Nta cyemezo gifatirwa indege iyo hagize ingaruka itewe no kuguruka kw'indege cyangwa ingorane zisanzwe ziturutse ku kuguruka kw'indege, ziba igihe indege igurukira ku ntera ikwiriye uturutse ku butaka, hakurikijwe uko umuyaga umeze, ikirere, cyangwa indi miterere y'ibihe yumvikana.

Bitanyuranyije n'ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, iyo indege mu buryo bwemewe, yakodeshejwe igihe kirenze iminsi cumi n'ine (14) na nyirayo, kandi muri icyo gihe nta mupilote w'indege, umuyobozi, uwungiriza umupilote cyangwa undi mu bakozi b'indege wahawe akazi na nyir'indege, iyi ngingo yubahirizwa uko yakabaye n'iyo kuri nyirayo

airdrome or agency or any other acts of the aircraft from the application of regulations provided for in this Law, if the exemption is in the public interest and is not likely to affect aviation safety.

**Article 38: Liability over damages**

Where loss or damage is caused to any person or property on land or water by any stuff or person falling from an aircraft while in flight, taking off or landing, compensations shall be recoverable without giving any other proof. Damage or loss shall be compensated in accordance with their gravity.

No action shall be taken against an aircraft in case of damage caused by its take off or ordinary incidents resulting from taking off of an aircraft that arise when it takes off at reasonable height from the ground in consideration of the gravity of the wind, meteorological conditions or other justifiable climate conditions.

Without prejudice to the provisions of paragraph One of this Article, if an aircraft has been bona fide hired out for a period exceeding fourteen (14) days by the owner, and during such period no pilot, commander, navigator or any crew member is employed by the owner, this Article shall apply in all of its provisions even if for the owner the aircraft

aéronef, tout aérodrome, toute installation ou tout service aérien, d'appliquer les règlements prévus par la présente loi si ladite dispense est dans l'intérêt général et ne porte pas atteinte à la sécurité de l'aviation.

**Article 38: Responsabilité en cas de dommages**

En cas de préjudice ou dommage causé à une personne ou un bien se trouvant sur terre ou sur eau par un objet ou une personne chutant d'un aéronef en plein vol, au décollage ou à l'atterrissage, les dommages-intérêts y afférents pourront être obtenus sans devoir fournir une preuve et seront proportionnels aux dommages subis.

Aucune action ne sera prise contre un aéronef en cas de dommages causés par le décollage ou autre incident résultant du décollage d'un aéronef à une altitude raisonnable à partir du sol et en considération de la direction du vent, des conditions météorologiques ou de toutes autres conditions climatiques acceptables.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, lorsqu'un aéronef a été en bonne et due forme donné en location par le propriétaire durant une période supérieure à quatorze (14) jours et si, durant cette période, aucun pilote, commandant de bord ou membre du personnel navigant n'est employé par le propriétaire, le présent article

iyo ndege yaba yarimuriwe ahandi hantu cyangwa yarakodeshejwe.

**<u>Ingingo ya 39:</u> Ibangamirwa ritewe n'indege n'ibibuga byazo**

Amabwiriza ashyirwaho n'iri tegeko ashobora kugena uburyo urusaku no gutitira biterwa n'indege bishobora gukumirwa.

Nta cyemezo gifatwa iyo habaye urusaku cyangwa gutitira bitewe n'indege ku kibuga, iyo indege yubahirije ibivugwa muri iri tegeko n'amabwiriza ajyana na ryo.

**<u>Ingingo ya 40</u>: Intambara n'ibihe bidasanzwe**

